



Amabwiriza ku bigisha

Igihe cya Bibiliya Ibyiciro 3 na 4

Ibyigwa A
Inyigisho 1-6

Bible Educational Services

Registered Charity UK (No 1096157)

Icyo tugamije

Kugufasha ngo nawe ufashe abandi dukora ibikoreshwa ku isi yose, amasomo ya bibiliya y'uruhererekane hakoreshe amasomo afasha kwigisha Ijambo ry'Imana ku b'iki gihe no ku ba hazaza.

Iyerekw

Koroshya ikorwa ry'ibikoresho bifasha kwigisha Bibiliya mu zindi ndimi zitandukanye zo ku isi hose, mu buryo bunyuranye bw'itumanaho, dufatany n'abandi dusangiye indangagaciro.

IMENYESHWA RUSANGE

Icyo 'Bible Educational Services' ikora:

Bible Educational Services (BES) itanga ibi bikurikira "igihe cya Bibiliya" (Bibletime), "Ubuzima Bushya" (Newlife) na "Abasaruzi" (Gleaners), inyigisho za Bibiliya mu Cyongereza ikanafasha amashuri ya Bibiliya ku i POSITA n'indi miryango bisa ikoresha inyigisho za BES mu Bwongezeza no mu bindi bihugu, ikabikora mu kubasura, imikoraniye, inama n'amahugurwa. BES kandi ubu ikora mu bufatanye n'amatsinda ari mu bindi bihugu, ahindura, agatunganya kandi agatanga inyigisho. Inyigisho zigomba gutangirwa ubuntu ku banyeshuli bose. Inyigisho Igihe cya Bibiliya zakoreshejwe bwa mbere muri Irlande y'Amajyepfo hashize imyaka irenga 50. Bible Educational Services ni yonyine ifite ububasha bwo guhindura inyigisho Igihe cya Bibiliya mu Cyongezeza no mu zindi ndimi z'amahanga zose. Inyigisho Igihe cya Bibiliya zatangagwa ku mpapuro A4 byasabaga abanyeshuli b'ahantu hatandukanye, ko buri byumweru bine bohereza izo mpapuro kuri Centre y'Ishuli rya Bibiliya ngo bakosorwe. Turashimira 'Every Home Crusade' (Revival Movement) mu mujyi wa Belfast, ko vuba aha yasohoye inyigisho z'amezi atandatu mu mpapuro A5, byatumye ikoreshe ryazo mu matorero no mu mashuri birushaho koroha, by'umwihariko aho imikorere y'i posita itameze neza.

Inyigisho ya BES ziri hariye kuko zateguriwe kwigwa mu rugo cyangwa mu itsinda (Itorero/Ishuli), zikigwa mu buryo hakurikizwa urutonde rwateguwe rutuma abanyeshuli bazakomeza kwiga kugera ku myaka 20. Hari ibyiciro bitanu by'amasomo bikurikiza imyaka y'abagize itsinda ari byo: incuke; imyaka 5-7; imyaka 8-10; imyaka 11-13; imyaka 14-16. Kuri buri tsinda ry'imyaka hari urutonde ku myaka itatu (reba p. 4). Imyaka yo kujya mu itsinda igenwa hakurik-ijwe kwiyongera ku ubushobozi bw'umwana. Ibikoresho by'igihe cya Bibiliya biha abana amahirwe yo kwiga Ijambo ry'Imana, kwiga Inkuru za Bibiliya no guhangana n'ibigoye byerekeye ubutumwa bwiza mu mibereho yabo.

Inyigisho zasohotse wazibona mu Cyongezeza urebye ku rubuga rwa BES: www.besweb.com cyangwa mu bunyamabanga mpuzamahanga. Ziboneka kandi ku mbuga nkoranyambaga mu zindi ndimi. BES ifite ibyangombwa bishobora kugufasha niba ushaka kuba umufatanyabikorwa wacu. Ibyo bitabo nabyo wabisanga ku rubuga nkoranyambaga.

Aho wabariza BES mu Rwanda:

Rwanda BES Coordinator:

Mr AMINADAB, M, M

Email: aminambanza@yahoo.fr

Phone: +250786625297 Nyamirambo Office

International and Northern Ireland Secretary (stockist of all lessons)

Mr S Balmer, 37a Belmore Street, Enniskillen, Northern Ireland BT74 6AA

Phone: 0286 632 2462

Email: sam@besweb.com

UK Secretary

Mr Stephen Gillham, 32 Firs Glen Road, West Moors, Ferndown, Dorset BH22 0ED

Phone: 01202 873500

Email: stephen@sgillham.co.uk

Web address: www.besweb.com

Email address: info@besweb.com

AMABWIRIZA ku BIGISHA

Mu ntangiriro, inyigisho 'Igihe cya Bibiliya' zakorewe gukoreshwa mu buryo bw'i Posita ya Centre y'ishuli rya Bibiliya, ariko inyigisho zakomeje kwiyongera no gukoreshwa aho ubwo buryo butizewe cyangwa butari, by'umwihariko mu matorero no mu mashuri yo muri Afurika, mu Buhinde n'ahandi. Amabwiriza ku bigisha ari muri aka gatabo agenewe gukoreshwa mu icyiciro 3, 4 cy'inyigisho ku bana bafite imyaka 11 - 16.

Buri gitabo cy'amabwiriza gikurikiza imirongo itangwa munyigisho igihe cya Bibiliya'. Inyigisho 'Igihe cya bibiliya n'amabwiriza byagenewe gukoreshwa buri cyumweru. Inyigisho yo mu kwezi kwa kane avuga by'umwihariko ku bya Pasika naho izo mu kwezi kwa cumi na kabiri zikavuga kuri Noheli.

Hamwe bakoresha Inyigisho yanditse ku mpapuro A4 buri cyumweru, abandi bagakoresha udutabo A5 turi-mo Inyigisho 24. Ubusanzwe uwigisha cyangwa umuyobozi azatanga Inyigisho A4 ya buri kwezi, kandi buri cyumweru Inyigisho Izuzurizwa mu itorero cyangwa mu ishuli, cyangwa ijyanwe mu rugo nyuma igarurwe mu cyumweru gikurikiraho. Ku mpera z'ukwezi uwigisha cyangwa umuyobozi azakusanya Inyigisho maze azikosore, agarurire banyeshuli izo Inyigisho vuba.

Mugihe hakoreshwa udutabo, nyuma ya buri Inyigisho, udutabo turakusanywa tugakosorwa. Ariko tubona kenshi bidashoboka. Bityo rero mu ishuli dushobora gusaranganywa abanyeshuli, maze uwigisha cyangwa umuyobozi akanyura mu Inyigisho mu gihe abanyeshuli bagenda batanga amanota ku mpapuro za bagenzi babo. Kuri paji yanyuma mu gatabo hari umwanya wagenewe amanota kuri buri Inyigisho ya buri kwezi, n'umwanya wo kuvuga uko umunyeshuli yataye imbere. Hari kandi impamyabumenyi itangwa ku munyeshuli yerekana amanota umunyeshuli yagize kw'ijana mu gihe cy'amezi atandatu y'Inyigi.

UGUTEGURA KW'ABIGISHA

Ntabwo dushaka gutanga amategeko adaha umwanya abigisha ngo bakore ibintu mu buryo bwabo no mu buryo batekereza gukora. Dore ibishobora kwitabwaho mu gukoresha ibikoresho by' 'Igihe cya Bibiliya'.

- **Kuba uzi neza inkuru:** Abigisha bagomba kuba uko bishoboka bazi inkuru ya Bibiliya n'Inyigisho Igihe cya Bibiliya ijyanye n'iyi nkuru. Ibyiza n'uko uwigisha aba yarize iyo Inyigisho mbere. Amabwiriza kuri buri Inyigisho nayo akaba yaritondewe mu ugutegura imfashanyigisho.
- **Gusobanukirwa Inyigisho agomba kwigwa:** ku mutwe w'integuro ya buri Inyigisho uzabona amagambo 'Turi kwiga ko' akurikiwe n'ibitekerezwa kwigwa bibiri ibyo abana bazaba basobanukiwe nyuma yo kumva ibyo uwigisha yababwiye no kwiga Inyigisho 'Igihe cya Bibiliya'. icya mbere kigamijwe mu kwiga ni ugukoresha ubumenyi bw'iyi nkuru, icya kabiri ni ugushishikariza abana gutekereza ku bumenyi bakabukoresha bashaka ibisubizo. Ibyo bitekerezwa ku kwiga ni ibivugwa neza by'ingenzi ku kuri kwigishwa mu Inyigisho kandi abigisha bashobora kuba babikoresha mu isuzuma ryabo ku nyigisho n'ubumenyi bwatanzwe.
- **Yitangire:** ku inyigisho zose, dutangirira aho abana bafite inararibonye zabyo. Twatanze inzira zinyuranye zishobora gukoreshwa mu gutangiza inkuru mu buryo butuma abana bagira uruhare mu kugira icyo bavugaga ku ngingo itangira inkuru.
- **Yigishye:** twatanze ingingo z'ingenzi mu inkuru. Twiringira ko abigisha batazazifashisha mu gihe batanga inkuru, ahubwo bayimenyereze kugira ngo bashobore kuyigisha mu buryo bwiza kandi bufasha. Uwigisha azashaka ko abana basobanukirwa inyigisho z'ingenzi ziri mu nkuru kandi abafashe gusobanukirwa icyo byabamarira kumenya iyo nkuru. Mu nshingano zacu twagerageje kubaririza ibisobanuro bimwe biri mu nkuru ivugwa. Buri gihe ibyo byanditse mu mukono *UBERAMYE*.
- **Yerekane:** Turemera ko mu miterere imwe n'imwe kwereka bizagorana ariko aho bishoboka ni ngombwa kwerekana amashusho, kujyana ku bintu bifatika kugira ngo bifashe gusobanukirwa inkuru. Ibyerekanwa bifasha mu buryo bukomeye mu gutanga inkuru. Aho bikwiriye muri buri somo twatanze amakuru ku by'amashusho wayakura ku rubuga www.freebibleimages.org (FBI). Ahandi wakura ibikoresho ni: Eikon Bible Art (info@eikonbibleart.com), ariko ibyo bikoresho biragurwbay. Aho ushobora kubona icyuma gifotora, amwe mu mashusho ari muri gihe cya Bibiliya wayafotora ukayakoresha mu kwigisha uyateye amabara.
- **Yige:** Hari umurongo w'ingenzi ujyana na buri nkuru. Rimwe na rimwe haboneka imirongo ibiri y'ingenzi, kuko twongeraho undi murongo w'ingenzi uzorohereza abana kwiga. Twiringira ko abana bashobora kwiga imirongo y'ingenzi kandi bakayibutsa buri gihe uko bishoboka kugira ngo batangire bubakire ubumenyi ku mirongo ya Bibiliya y'ingenzi.
- **Yirangize:** Mu miterere y'ishuli uzamenya ubushobozi bw'abana bwo kuzuza imikoro n'ubushobozi bw'umwigisha busabwa. Kuri bamwe, bizaba ngombwa ko uwigisha asoma igice cy'inyigisho mu gihe abana bamukurikira bityo bakamenyera ibivugwa. Abandi bana bashobora ubwabo kwisomera iso-mo.

Ibyo ari byo byose, hari igitekerezo cyo gukangurira abana kwita ku mabwiriza runaka ajyana ku bibazo. Niba ukoreshe igihe cya Bibiliya bitari mu buryo bw'ishuri, ni ngombwa kuba witeguye gufasha kugira ngo bitabonwa ko nta ka-maroro, cyangwa ko ari ukwisuzuma gusa. Bizanzeza umuntu kandi bimutere umwete ndetse byishimirwe mu gukora ikintu uwo muntu azi ko ari ingira ka-maroro.

- **Yisubiramo:** Uko bishoboka twatanze amahurizo, n'ibifasha kwiga, nk'uburyo bwo gusubiramo inkuru.
- **Mubikorwa:** Iki gice kijyana n'inyito, ni gute inyigisho ziduhindura, kandi nanone zigatanga ibitekerezo bishoboka byo gukorera mu itsinda cyangwa mu buryo umuntu yakwitwara mu igihe hari imbogamizi mu inyigisho.

Wigisha Umurongo w'Ingenzi

- 1) Umurongo uzandikwa ku rupapuro cyangwa ku kibaho, hagende hakurwamo amagambo amwe n'amwe, abanyeshuri nabo bagende basubiramo kuwusoma kugeza ubwo amagambo yose akurwaho, bagasoma batawureba.
- 2) Gutanga Umurongo w'ingenzi wakoresha:
 - a) Uburyo bw'Umugenzuzi yegera amatsinda abiri - umubare inyuguti- imyanya umurongo y'ingenzi itangwa izo nyuguti zikuwemo - abana bahitamo inyuguti bashakira kugeza ubwo hari ubashije kumenya umurongo.
 - b) Urusobe rw'imurongo muri Bibiliya ruraboneka, maze abana bese bagashakira uwo murongo, uwubonye agasoma cyane.

Igena gihe

- **Gahunda.** Twakomeje gahunda imwe mu mabwiriza ya buri nyigisho ariko bizaba iby'ubushake bw'abigisha kuba bahindura icyo gahunda igihe ku kindi.
 1. Gutanga no kuvugira inkuru - byafata iminota 15
 2. Kwigisha umurongo w'ingenzi - Iminota 5 -10
 3. Kuzaza urupapuro rw'umukoro - iminota 20
 4. Ibibazo n'ibikorwa - iminota 5-10

Ibuka iyi mvugo ikomeye ngo:

“Mbwira ariko nshobora kwibagirwa,
Nyereka kandi nzabyibuka, bimpemo
uruhare nibwo nzabisobanukirwa.”

Urutonde rw'ibygwa by'Igihe cya Bibiliya

	ICYICIRO 0 (Incuke) ICYICIRO 1 (Imyaka 5-7) ICYICIRO 2 (Imyaka 8-10)	ICYICIRO 3 (Imyaka 11-13)	ICYICIRO 4 (Imyaka 14+)
IBYIGWA BIBANZA	<ol style="list-style-type: none"> 1. Isomo ribanza - Gut 2. U1 - Ubutumwa bwa Luka 3. U1 - Ubutumwa bwa Luka 4. U1 - Ubutumwa bwa Luka 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Isomo ribanza - Gut 2. U1 - Ubutumwa bwa Luka 3. U1 - Ubutumwa bwa Luka 4. U1 - Ubutumwa bwa Luka 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Isomo ribanza - Gut 2. U1 - Ubutumwa bwa Luka 3. U1 - Ubutumwa bwa Luka 4. U1 - Ubutumwa bwa Luka
IBYIGWA A	<ol style="list-style-type: none"> 1. Iremwa 2. Nowa 3. Petero 4. Petero - Umusaraba 5. Aburahamu 6. Aburahamu 7. Petero 8. Petero 9. Yakobo 10. Abakristo ba mbere 11. Pawulo 12. Inkuru ya Noheli 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Iremwa 2. Nowa 3. Petero 4. Petero - Umusaraba 5. Aburahamu 6. Aburahamu 7. Yakobo 8. Isengesho 9. Paulo 10. Paulo 11. Pawulo 12. Inkuru ya Noheli 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Iremwa & Kugwa 2. Ibya mbere- Itangiriro 3. Petero 4. Petero - Umusaraba 5. Petero 6. Aburahamu 7. Yakobo 8. Imibereho Gikristo 9. Pawulo 10. Pawulo 11. Pawulo 12. Inkuru ya Noheli
IBYIGWA B	<ol style="list-style-type: none"> 1. Ubuto bwa Kristo 2. Ibitangaza 3. Betaniya 4. Umusaraba 5. Imigani 6. Yosefu 7. Yosefu 8. Ababonye Yesu 9. Mose 10. Mose 11. Mose 12. Inkuru ya Noheli 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Imigani 2. Ibitangaza 3. Betaniya 4. Umusaraba 5. Abakristo ba mbere 6. Yosefu 7. Yosefu 8. Abanditse Ivanjili 9. Mose 10. Mose 11. Mose 12. Inkuru ya Noheli 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Parables 2. Ibitangaza 3. Betaniya 4. Umusaraba 5. Abakristo ba mbere 6. Yakobo & umuryango we 7. Yosefu 8. Ibyak 2: 42 – Inzira imbere 9. Mose 10. Mose 11. Amategeko 12. Inkuru ya Noheli
IBYIGWA C	<ol style="list-style-type: none"> 1. Daniyeli 2. Ibindi bitangaza 3. Ababonye Yesu 4. Urupfu rwa Kristo 5. Rusi & Samweli 6. Dawidi 7. Dawidi 8. Yosuwu 9. Eliya 10. Elisa 11. Yona 12. Inkuru ya Noheli 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Daniyeli 2. Ababonye Yesu 3. Ibindi bitangaza 4. Urupfu rwa Kristo 5. Rusi 6. Samweli 7. Dawidi 8. Yosuwu 9. Eliya 10. Elisa 11. Abo Imana yakoresheje - IK 12. Inkuru ya Noheli 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Daniyeli 2. Ibyo Yesu yavuze 3. Imbaraga z'Uwiteka 4. Urupfu rwa Kristo 5. Rusi 6. Samweli 7. Dawidi 8. Yosuwu 9. Eliya 10. Elisa 11. Ibindi byo mu IK 12. Inkuru ya Noheli

	A1 – ICYICIRO 3 Isomo 1 – Mu ntangiriro Icyigwa – Imana irema isi	A1– ICYICIRO 4 Inyigisho 1 – Kurema Ikigwa – Mbere na mbere
	Gusoma Bibiliya: Itangiriro 1:1-19 Uw’ingenzi: Itangiriro 1:1 Tugiye kwiga ko: <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana yaremye isanzure n’ibiyirimo byose. 2. Imana yabiremye, izi kandi ikunda buri muntu wese ubwe muntu wese ubwe. 	Gusoma Bibiliya: Itangiriro 1:1-31 Uw’ingenzi: Abaheburayo 1:10; Yesaya 45:18 Tugiye kwiga ko: <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana yaremye isanzure. 2. Imana ishobora byose. 3. Imana yaremye umuntu mu ishusho yayo.
YITANGIRE	<p>Bwira buri munyeshuli kwandika igisubizo kuri ibi bibazo Ni byiza gukora ubufundo! Bityo abanyeshuli bashobora kugenda babwirana ibibazo.</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Hari inyenyeri zingaha mu kirere? 2. Hari abantu bangahe ku isi? <p>Nyuma y’iminota mike, babwire ibi bisubizo:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Dukurikije “the European Space Agency”, biragoye kuvuga neza umubare w’inyenyeri ziriho. Bagereranya bavuga ko hariho uduhumbi n’uduhumbagiza 100 tw’inyenyeri muri ‘galaxy the Milky Way’ honyine. Kandi hari amamiliyoni y’izindi ‘galaxies’! N’izindi nyenyeri nyinshi! • Ikigereranyo kiriho ubu n’uko haba hari abantu bangana na miliyoni ibihumbi 7 ku isi. 	<p>Babiri babiri bavuge ku bibazo bikurikira nyuma bivugwe mu itsinda ryose:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni ryari uheruka guhanga ikintu runaka? 2. Ese cyaragushimishije?
YIRANGIZE	Vuga Inkuru yo muri Bibiliya Yivugeho kandi uyisobanure: <ol style="list-style-type: none"> 1. Mbere yo kubaho kw’ibintu, Imana yari iriho. 2. Imana yaremye isi mu minsi itandatu. 3. Ku Minsi wa 1 Imana irema umucyo maze itandukanya umucyo n’umwijima; ku Minsi wa 2 Imana irema ijuru maze iritandukanya n’amazi riba hejuru. Ku Minsi wa 3 Imana ikusanyiriza amazi hamwe maze yita ahumutse ‘ubutaka’. Ubutaka bumeza ibyatsi n’ibiti..ku Minsi wa 4 Imana ishyira ibimuli mu ijuru, izuba ukwezi n’inyenyeri; ku Minsi wa 5 Imana irema ibyo mu mazi n’ibiguruka; ku Minsi wa 6 Imana irema inyamaswa. 4. Nyuma Imana irema umuntu mu ishusho ya Yo, umugabo n’umugore, kugira ngo bagwire kandi bagenge isi n’ibindi biremwa kuri yo. 5. Imana iha ibyo kurya umuntu n’ibindi biremwa byose. 6. Imana ibona ibyo yaremye ko ari byiza cyane! <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzanya isomo 1 Yerekane: FBI – Imana irema ijuru n’isi. (I)</p>	Vuga Inkuru yo muri Bibiliya Yivugeho kandi uyisobanure: <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana yaremye isi mu minsi itandatu. 2. Uminsi wa 1; Imana irema umucyo iwutandukanya n’umwijima; Uminsi wa 2 Imana irema ijuru iritandukanya n’amazi yo hasi. Uminsi wa 3; Imana iteranyiriza amazi hamwe yita ahumutse ‘ubutaka’. Ubutaka bumeza ibyatsi n’ibimera. Uminsi wa 4; Imana ishyira Ibiva mu ijuru, izuba ukwezi n’inyenyeri; Uminsi wa 5; Imana irema ibyo mu mazi n’ibiguruka; Uminsi wa 6 Imana irema inyamaswa. 3. Imbaraga z’Imana ziratangaje; Yaremye isi ivuze ijamba, kandi byayifashe iminsi itandatu gusa! 4. Imana yaremye umuntu mu ishusho yayo; Umugabo n’umugore niko yabaremye. 5. Imana yarebaga ibyo yaremye byose ibona ko ari byiza cyane. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzanya inyigisho 1 Yerekane: FBI – Imana irema ijuru n’isi. (I)</p>
YISUBIREMO	<p>Mu itsinda rya bane, hakorwe igishushanyo cyerekana ibyagiye biremwa n’Imana buri muni w’iminsi itandatu y’iremwa.</p>	<p>Ni iki wize ku miterere y’Imana mur’iyi nyigisho? Andika umuvuguzi mugufi, ubyerekanako.</p>
MUBIKORWA	Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza: <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana ishobora byose kandi yaremye byose. N’ubwo ibyo yaremye ari byinshi cyane, Imana umuremyi, azi kandi akunda buri umwe muri twe. Ni gute ibyo byatuma nifata ku Mana no ku byo yaremye? 	Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza: <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana yaremye isi yacu natwe ni yo yaturemye. N’iiruhe tandukanirako byagombye gusiga mu’ubuzima bwacu? 2. Soma Itangiriro 1:26-27 & Yesaya 45:18. Ni uwuhe wari umugambi w’Imana ku muntu? Ni gute ibi bigira icyo bikora ku mibereho yacu ubu?

A1 – ICYICIRO 3
Isomo 2 – intangiriro
Icyigwa– Imana irema umuntu

A1 – ICYICIRO 4
Inyigisho 2 – iremwa
Icyigwa – Rirarangizwa

Gusoma Bibiliya: *Itangiriro 1:20-31*

Uw'ingenzi: *Itangiriro 1:27*

Tugiye kwiga ko:

1. Imana yaremye inyamaswa, ariko umuntu imurema bitandukanye.
2. Imana irema umuntu mu ishusho yayo, ngo ase na Yo kandi atware ibyaremwe.
3. Imana yashatse ko abantu bagirana ubusabane na Yo nabo ubwabo bakagirana ubusabane.
4. Imana iha umuntu inshingano.

Gusoma Bibiliya: *Itangiriro 1:27-31; 2:1-9*

Uw'ingenzi: *Yohana 1:1-3*

Tugiye kwiga ko:

1. Imana yaruhutse ku muni wa karindwi.
2. Imana yaremye Isabato nk'ikiruhuko.
3. Imana iha umuntu ubuzima.
4. Ubuzima bw'umuntu bufite agaciro kihariye

YITANGIRE

Umukino wo gushushanya inyamaswa. Gabanya ishuli mo amatsinda buri tsinda rigire abantu 4. Buri tsinda urihe urupapuro n'ikaramu. Umuntu umwe muri bur'itsinda ashushanye inyamaswa, maze abandi bafindure iyo ari yo.

Kujya impaka. Koresha "Ndabyemeye", "Simbyemeye" na "Ndakeka" mu kwerekana "imiterere" y'uburyo 3 mu cyumba. Soma ibivuzwe bikurikira maze ubaze abanyeshuli kujya ahantu hagaragaza icyo bumva kuri buri kimwe.

- Igitekerezo ko ku cyumweru ari umunsi udasanze ntigifite ishingiro muri iki gihe.
- Ku cyumweru ni umwanya ukomeye wo gutunganya imirimo yo mu rugo no kujya ku isoko.
- Imyidagaduro ikwiriye kubuzwa ku Cyumweru.
- Gukora ubushakashatsi ku rusoro rwa muntu biremewe.
- Abakristo ntibakwiriye kujya kubarizwa mu ntamba.

YIRANGIZE

Vuga Inkuru yo muri Bibiliya

Yivugeho kandi uvisobanure:

1. Imana yaremye inyamaswa ngo zigwire kandi zororoke.
2. Imana yaremye abantu mu ishusho ya Yo, Ngo base na Yo, batware amafi, ibiguruka n'inyamaswa
3. Imana yaremye abantu. Umugabo n'umugore niko yabaremye
4. Imana ibuha umugisha kandi ibaha imirimo yihariye n'inshingano (bagombaga kugwira no kororoka, bakuzura isi kandi bakayitwara, maze bagatwara ibiremwa by'Imana.
5. Imana itanga aho gukura ibyo kurya – ibyo dukeneye byose mu buzima.
6. Imana yishimira ibyo yaremye. Ivuga ko byose ari byiza cyane!

Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga.

Kuzaza isomo 2

Yerekane: FBI – Imana irema ijuru n'isi. (I)

Vuga Inkuru yo muri Bibiliya

Yivugeho kandi uvisobanure:

1. Mbere na mbere, mbere y'uko hagira ikintu kibaho, Imana yari iriho. Jambo (Umwami Yesu) ni Imana kandi yari kumwe n'Imana mu ntangiriro. Byose ni we wabiremye; nta cyaremwe kitaremwe na We. Imana ni umuremyi kandi ni Imana y'intangiriro.
2. Imana yashyize umuntu muri Eden.
3. Imana kandi yashyize ibiti bibiri byihariye muri Eden; Igiti cy'ubugingo, n'Igiti kimenyekanisha icyiza n'ikibi.
4. Imana iruhuka ku muni wa karindwi maze igena iby'umunsi wihariye w'ikiruhuko ku muntu.
5. Imana ihumekera mu umuntu umwuka w'ubugingo. Ibi bituma abantu baba abatandukanye n'inyamaswa. Ubuzima bw'umuntu burihariye kandi bufite agaciro kihariye.

Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga.

Kuzaza inyigisho 2

Yerekane: FBI – Imana irema ijuru n'isi. (I)

YISUBIREMO

Kujya impaka mu matsinda mato, ubundi ibyavuzwe bigatangwa mu itsinda ryose. Imana yaremye umuntu mu ishusho ya Yo ngo itware amafi, inyoni, n'inyamanswa. Ni gute twagombye kubytaho?

Imana yatugeneye kugirana ubusabane na Yo no kubigirana n'abandi. Ni mu buhe buryo dushobora kwereka Imana urukundo rwacu no kurwereka abandi 1) u rugo 2) ku ishuli 3) ku Itorero?

Impaka mu matsinda mato nyuma mubivuge mu Itsinda ryose:

Soma **Kuva 20:8** na **Mariko 2:27**. Ni iki iyo mirongo itwereka muri iki gihe?

Twize ko ubuzima bw'umuntu bufite agaciro kihariye. Ni gute ibyo bikora ku byemezo bifatirwa ibibazo nk'iby'ubumenyi, ubuganga, amategeko no kwita ku busaza?

MUBIKORWA

Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:

1. Imana yaturemye kugirana ubusabane na Yo, no kuyigirana n'abandi. Ni irihe tandukaniro byakagombye gusiga mu buzima bwacu buri muni iyo twihanyye tukayiringira?
2. Dusenge kugira ngo Imana idufashe gusohozza inshingano zacu no kwerekana kamere ya Yo (urugero, urukundo rwayo, ubugwaneza, Ubutabera) muri iki cyumweru mu miryango yacu, ku mashuri, no mu matsinda y' Itorero.

Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:

1. Ni gute tubaho cyangwa tugateshuka ku kiruhuko cy'Isabato mu buzima bwacu uyu muni? Ese ikiruhuko cy'Isabato ni ngombwa? Kuki?
2. Ni gute duhamya ko ubuzima bwacu bugaragaza imyemerere yacu ko ubuzima bw'umuntu bwatanzwe n'Imana kandi bufite agaciro kihariye?

	A1 – ICYICIRO 3 Isomo 3 – Mu ntangiriro Icyigwa – Ibintu bigenda nabi!	A1 – ICYICIRO 4 Inyigisho 3 – irema Icyigwa – Kuza kw'icyaha
	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Itangiriro 2:15-17 na 3:1-13</i></p> <p>Uw'ingenzi: <i>Itangiriro 3:3</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Adamu na Eva basuzuguye Imana. 2. Adamu na Eva bagize isoni maze bahangana n'ingaruka z'icyaha cyabo. 	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Itangiriro 2:14-19; 3:1</i></p> <p>Uw'ingenzi: <i>Abaroma 3:23; Abaroma 6:23</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana yategetse umuntu kutarya ku mbuto y'Igiti kimenyekanisha icyaha n'Ikibi. 2. Inzoka ishuka Eva na Adamu maze Eva asuzugura itegeko ry'Imana. 3. Adamu na Eva bakorwa n'isoni.
YITANGIRE	<p>Baza itsinda niba bafite amategeko ku ishuli. Kuki ibyo ari ingenzi? Byagenda gute abantu bayirengagije?</p>	<p>Bwira abanyeshuli babiri babiri kujya impaka ku bikurikira: Inshingano baba bafite ku ishuli / ku murimo / mu rugo. Amategeko bagomba gukurikiza. Byagenda gute birengagije cyangwa bishe ayo mategeko?</p>
YIRANGIZE	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana yashyize umuntu mu Ngobyi ya Edeni maze imuha umurimo wo kuyirinda. Imana yahaye umuntu ibyo yari akeneye byose, ariko hari itegeko umuntu yagombaga kumvira. Ntabwo yari yemerewe kurya ku giti cyitwa "Igiti kimenyekanisha icyaha n'Ikibi". Imana ivuga ko, umuntu nakiryaho no gupfa azapfa. 2. Maze umuntu ahabwa umurimo wo kwita amazina inyamaswa n'ibiguruka. 3. Imana irema umugore wo gufasha umugabo kurangiza inshingano ze. Mu gushyingiranwa, umugabo n'umugore bakora umuryango mushya maze bagakorera hamwe nk'itsinda. 4. Inzoka y'umuriganya, umwanzu w'Imana wihinduye, ashyira ugushidikanya ku itegeko ry'Imana. Ibwira Adamu na Eva ko batazapfa niba basuzuguye itegeko ry'Imana. Inzoka ishuka umugore maze aya ku mbuto Imana yari yarategetse ko bataryaho. Ahaho n'umugabo nawe aryaho. 5. Umugabo n'umugore bamaze kubikora babura umunezero. Bidodera imyambaro mubibabi, maze bihisha mu biti. Imana irabahamagara maze bayibwira icyo bakoze. Adamu yitakana Eva naho Eva yitakana inzoka. 6. Imana ivuma inzoka. Adamu na Eva bagombaga guhangana n'ingaruka z'icyaha cyabo. Bagira ukubabara kandi barahangayika no gukora cyane. Ubuzima burabakomerera, kandi umunsi umwe bagomba kuzapfa. 7. Imana ibaremera imyenda mu mpu z'inyamaswa maze ibirukana mu Ngobyi ya Edeni, kure y'igiti cy'ubugingo. <p>Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzaza isomo 3 Yerekane: FBI – Adamu na Eva basuzuguye Imana maze bahangana n'ingaruka zabyo (I)</p>	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana yahaye Adamu inshingano yo kwita ku busitani bwa Edeni no kwita amazina ibiguruka n'inyamaswa. 2. Imana ibwira umuntu ko ashobora kurya ku mbuto z'igiti cyose uretse kimwe; Igiti kimenyekanisha icyaha n'Ikibi. Imana ivuga ko kurya kuri icyo giti bizagira ingaruka y'urupfu. 3. Imana iremera umugabo, umufasha, witwa umugore mugushyingirwa umugabo n'umugore bakora umuryang mugushyingirwa umugabo n'umugore bakora umuryang o mushya bagakorera hamwa nk'itsinde. 4. Inzoka y'Umubeshyi ishuka Era wasuzugura Imana, aya ku mbuto yabujijwe maze ahaho n'umugabo we. Umugabo nawe yasuzuguye Imana aya ku mbuto Adamu na Eva bombi baba batagishyikira gutungana k'urugero rw'Imana mu kurya ku mbuto. 5. Adamu na Eva bamenya ko basuzuguye Imana maze bumva bafite isoni. Bagombaga guhangana n'ingaruka z'icyemezo cyabo cyo gusuzugura itegeko ry'Imana. 6. Babonye igihano cy'Imana. <p>Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzaza inyigisho 3 Yerekane: FBI – Adamu na Eva basuzuguye Imana maze bahangana n'ingaruka zabyo (I)</p>
YISUBIREMO	<p>Sanisha inyigisho na Abaroma 5:12. Kuva Adamu na Eva basuzugura, twese twavutse turi abanyabyaha. Bwira abanyeshuli gutekereza ku ngero zo gusuzugura amategeko y'Imana mu buzima bwacu. Ni gute bigira ingaruka 1) kuri twe no 2) ku bandi bantu?</p>	<p>Ni izihe ngaruka zo gusuzugura kwa Adamu na Eva? Soma Abaroma 5:12-14 na 18-19. Ni gute ugusuzugura kwa Adamu kutugiraho ingaruka ubu?</p>
MUBIKORWA	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Dukeneye kwicuza ku Mana kugira ngo itubabarire kandi iduhindure bashya. Maze dushobore kubaho ubuzima bunezeza Imana kandi dukurikiza amategeko ya Yo. 	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Nk'Abakristo, kuki ari ingenzi kumvira Imana? 2. Ni gute twakumvira Imana mu buryo bufatika mu mibereho yacu ubu ngubu?

	A1 – ICYICIRO 3 Isomo 4 – Irema Icyigwa – Gukora ibintu mu nzira y’Imana	A1 – ICYICIRO 4 Inyigisho 4 – Irema Icyigwa – Ingaruka z’icyaha
	<p>Gusoma Bibiliya: Itangiriro 4:1-16</p> <p>Uw’ingenzi: Yohana 14:6</p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> Abeli yakurikiye inzira y’Imana, ariko Kayini akurikira inzira ye bwite. Imana yemeye ituro rya Abeli, yanga irya Kayini. Kayini yishe Abeli. Imana imwirukana mu gihugu imugira inzererezi. Kayini ava mu maso y’Imana. Hari inzira imwe ku Mana, kandi iyo nzira ni Inzira ya Yo! 	<p>Gusoma Bibiliya: Itangiriro 3:7-24</p> <p>Uw’ingenzi: 1 Abakorinto 15:22; Abaroma 6:23</p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> Adamu na Eva bagerageje kwihisha Imana. Imana yavumye inzoka umushukanyi. Imana ibwira Adamu na Eva ko bazababazwa bakajya baruha nk’ingaruka z’icyaha cyabo. Imana iha Adamu na Eva imyenda yo kwambara ngo bahishe ubwambure bwabo. Imana yirukana Adamu na Eva mu busitani bwa Edeni.
YITANGIRE	<p>Byagenda gute mu gihe ugiye mu rugendo utarebye ku ikarita cyangwa ku cyerekezo? Wigeze ubura icyerekezo maze urayoba? Kayini ntabwo yitaye ku mabwiriza y’Imana maze arangiriza ku kuzerera nk’uwazimiye.</p>	<p>Bwira abana gutekereza ku gihe bari abana basuzugura iwabo, cyangwa ku ishuli. Ni gute ibi bibaha kwiyumva?</p>
YIRANGIZE	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> Adamu na Eva bari bafite abahungu babiri. Abeli yari umushumba, Kayini ari umuhinzi. Imana yemeye inyamaswa Abeli yazanyeho ituro, yari uburiza bw’umwana w’intama mwiza akuye mu mukumbi we. Imana yanze ituro rya Kayini: bimwe byo mu musaruro we. Kayini ararakara ashengurwa n’agahinda. Imana iburira Kayini ku byerekeye icyaha n’akamaro ko gukurikira inzira y’Imana. Kayini ntabwo yigeze yicuza, kandi ntiyumva Imana. Kayini yica murumuna we Abeli. Imana imwirukana mu gihugu, maze agenda azerera, hanze kure y’Imana. Abeli yumvise ko akeneye gutura umwana w’intama ku Mana. Kayini ntabwo yaje ku Mana mu nzira y’Imana, maze arahana. Ituro rya Abeli ryashushanyaga igitambo cy’Umwami Yesu wari kwitamba ubwe ku musaraba. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzwa isomo 4 Yerekane: FBI – Kayini na Abeli (I)</p>	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> Gusuzugura kwa Adamu na Eva kwagize ingaruka zo kumenya icyiza n’ikibi no kumenya ko bambaye ubusa. Bagira ubwoba bashaka kwihisha Imana. Imana ibaza ibibazo Adamu na Eva. Yashakaga ko bagera ku kibi bari bakoze. Nyamara ariko bombi buri wese agenda yitakana undi. Adamu yitakana Eva nawe yitakana inzoka. Adamu na Eva bahangana n’ingaruka zo kutumvira kwabo; bagira akababaro, bahangayikira ubuzima kandi birukanwa imbere y’Imana mu ngobyi ya Edeni. Natwe duhangana n’ingaruka z’icyaha cyabo – kuko Adamu yakoze icyaha, tubaranwa nawe kitugeraho nka we, maze twese tugapfa. Imana ni Imana itanga ku buntu. Yahaye Adamu na Eva imyenda y’impu ngo bahishe ubwambure bwabo. Abaroma 6:23 hatwigisha ko yatanze ku buntu impano y’ubugingo buhoraho tubonera mu Mwami Yesu Kristo mu gihe tumwakiriye nk’Umukiza wacu. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzwa inyigisho 4 Yerekane: FBI – Adamu na Eva basuzugura Imana. (I)</p>
YISUBIREMO	<p>Mu murongo w’ingenzi, Yesu avuga ko ari we nzira yonyine igera ku Mana. Ni izihe nzira zindi abantu bikorera bashaka kunezeza Imana?</p> <p>Shaka ikayi cyangwa impapuro wandikamo umurongo w’ingenzi neza.</p>	<p>Ni iki tumenya ku miterere y’Imana muri nyigisho?</p> <p>Huza iyi nyigisho na Abaroma 5:12. Uhereye kuba Adamu na Eva barasuzuguye natwe twese twavutse turi abanyabyaha. Bwira abanyeshuli gutekereza ku ngero zo gusuzugura amategeko y’Imana mu mibereho yacu. Ni gute ibyo bigera 1) kuri twe no 2) ku bandi bantu?</p>
MUBIKORWA	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> Fata mu mutwe Umurongo w’ingenzi. Ese ukurikira Yesu, we nzira yonyine igeza ku Mana? 	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> Saba Imana imbaraga zo kuyumvira kandi uyishimire ibyo ubuntu itugirira mu gihe dutashutse tukayitererana. Dukeneye gusaba Imana imbabazi kugira ngo tubabarirwe kandi duhinduke bashya. Bityo dushobore kubaho ubuzima bwacu dushimisha Imana kandi dukurikiza amategeko yayo.

	A2 – ICYICIRO 3 Isomo 1 – Nowa n’umwuzure Icygwa: – Kubaka inkuge	A2 – ICYICIRO 4 Inyigisho 1 – Kayini na Abeli Icyigwa – Kurama Imana
	<p>Gusoma Bibiliya: Itangiro 6:5-22</p> <p>Uw’ingenzi: Itangiro 6:8</p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana ari Iyera. Ibyaha by’abantu bishengura umutima w’Imana. 2. Imana yafashe icyemezo cyo gukiza Nowa. Imana ibwira Nowa kubaka ubwato bunini ngo ikize Nowa, umuryango we na bibiri bibiri bya buri bwoko bw’inyamaswa n’ibiguruka. 3. Nowa akora uko Imana yamubwiye gukora. Nowa yizeraga mu Mana kandi akanayumvira. 	<p>Gusoma Bibiliya: Itangiro 4:1-16</p> <p>Uw’ingenzi: Abaheburayo 11:4</p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Abeli ajya ku Mana mu nzira Imana yashakaga. Imana yemera ituro rya Abeli. 2. Kayini ajya ku Mana mu buryo bwe. Imana ntiyemera ituro rya Kayini.
YITANGIRE	<p>Ereka itsinda amabwiriza y’inyubako iyi n’iyi, cyangwa y’agapaki k’ibisuguti. Muvugane ukuntu ari ngombwa gukurikiza amabwiriza mu gihe umuntu yubaka cyangwa akora ikindi. Sobanura ko Imana yahaye Nowa amabwiriza asobanutse kandi ko Nowa yayakurikije uko ari.</p>	<p>Kora urutonde rw’ibintu bitandukanye bidusaba gukurikiza amabwiriza. Bigenda gute iyo tutayakurikije?</p>
YIRANGIZE	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Abantu ku isi baba babi cyane. Ububi bw’icyaha bwabo no kutumvira bituma Imana ibabara. 2. Imana yiyemeza kurimbura abantu n’inyamaswa yari yararemeye. 3. Nowa ntiyari nkabo. Yanezezaga Imana. Ntiyari kimwe n’abandi bantu bose kuko yakoraga ibikwiriye, agakunda kandi akumvira Imana. 4. Imana iburira Nowa ko igiye kurimbuza umwuzure abantu bose n’ibifite ubuzima byose, kuko isi yari yuzuye ubugome. 5. Imana iha Nowa amabwiriza yihariye yo kwitegura. Ibwira Nowa uburyo busobanutse bwo kubaka ubwato bunini bwo gukiza Nowa, umuryango we, na bibiri bibiri bya buri bwoko bw’ibifite ubuzima. 6. Nowa yizeraga Imana maze asohoza ayo mabwiriza uko ari. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzira isomo 1 Yerekane: FBI – Nowa n’Umwuzure Ukomeye (I)</p>	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Adamu na Eva bari bafite abahungu babiri. Abeli yari umushumba, naho Kayini ahinga imyaka. 2. Imana yemera igitambo cy’inyamaswa Abeli yazanye: uburiza bw’umwana w’intama bwo mu mukumbi we. Yanga igitambo cya Kayini: igice cy’umusaruro we. Kayini ararakara maze ashengurwa n’agahinda. 3. Imana iburira Kayini ibyerekeye icyaha n’akamaro ko gukurikira inzira nyayo y’Imana. Kayini ntiyasabye inmtibyasbaabzyi, e kandi ntiyumva Imana. 4. Kayini yica murumuna we Abeli. Imana imwirukana mu gihugu, aba inzererezi hanze mu maso y’Imana. 5. Abeli yumvise ko akeneye gutura umwana w’intama ku Mana. Kayini ntabwo yaje ku Mana mu nzira y’Imana, maze arahana. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzira inyigisho 1 Yerekane: FBI – Kayini na Abeli (I)</p>
YISUBIREMO	<p>Subira mu Nkuru ukoresha ibibazo bishingiye kubyo twize muri iyi nyigisho kuri Nowa, umuryango we n’amabwiriza yahawe n’Imana.</p>	<p>Soma Umurongo w’ingenzi, Abaheburayo 11:4. Ni gute uyu murongo utanga itandukaniro hagati ya Abeli na Kayini?</p>
MUBIKORWA	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Nowa yiringiye Imana akora neza icyo Imana yamusabye gukora. Ni gute twakwizera mu Mana? Urayiringira? Nowa yizeye Imana maze Imana iramukiza. 	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni ayahe masomo dushobora kwigira ku buzima n’imyifatire ya Abeli na Kayini? 2. Ni gute dushobora gushyira ayo masomo mu bikorwa by’ubuzima bwacu ubu ngubu?

	A2 – ICYICIRO 3 Isomo 2– Nowa n’umwuzure Icyigwa – Mu Nkuge	A2 – ICYICIRO 4 Inyigisho 2 – Enoki na Nowa Icyigwa – Kugendana n’Imana
	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Itangiro 7:1-20</i></p> <p>Uw’ingenzi: <i>Itangiro 7:5</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> Imana yatanze inzira yo gukiza Nowa n’umuryango we. Nowa yizeye Imana akora neza icyo Imana yamusabye gukora. 	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Itangiro 5:21-33 na 6:1-15</i></p> <p>Uw’ingenzi: <i>Abaheburayo 11:5</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> Henoki n’umwuzukuruza we, Nowa, bagendanaga n’Imana mu busabane bwimbitse. Abo bantu babiri bahagaze bitandukanye n’abandi bantu kubera imibanire yabo n’Imana.
YITANGIRE	Wigeze ujya mu rugendo hamwe n’umuryango wawe? Ni gute wabyiteguye?	Kugirana ubusabane n’Imana bizaduha guhagarara bitandukanye n’imbaga y’abandi! Ni gute Abakristo batandukanye n’abandi bantu? Kora urutonde.
YIRANGIZE	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uysisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> Imana yaburiye Nowa ko nyuma y’iminsi 7 igiye guteza umwuzure. Imana ibwira Nowa kwinjiza inyamaswa mu nkuge kugira ngo zizarokoke umwuzure. Uwo muni, yari afite imyaka 600, ku muni wa mbere w’ukwezi kwa 2, Nowa yinjiza mu bwato umuryango we n’inyamaswa nk’uko Imana yari yamutegetse. Umwuzure uba nyuma y’iminsi irindwi nk’uko Imana yari yavuze ko uzaba. Imana ikinga urugi rw’ubwato mu gihe Nowa, umuryango we n’inyamaswa bari binjiyemo, ibakiriza mu bwato. Nowa wenyine, umuryango we n’inyamaswa bari mu bwato nibo barokotse umwuzure uteye ubwoba. Imvura yamaze iminsi 40! Amazi azamuka hejuru mu mpinga z’imisozi irayirengera hose. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzamurongo 2 Yerekane: FBI – Nowa n’Umwuzure Ukomeye (I)</p>	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uysisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> Henoki yabayeho imyaka 365, agendanaga n’Imana mu busabane bwimbitse. Bibiliya ivuga ko Henoki atapfuye nk’abandi bantu. Ku mpera y’ubuzima bwe, yarabuze, kuko Imana yari yamuzamuye mu ijuru. Nowa yari umwuzukuruza wa Henoki. Nka Henoki, Nowa nawe yagendanye n’Imana mu busabane bwimbitse kandi yari umukiranutsi, ntiyari nk’abantu babi bari bamukikije. Ibyaha by’abantu mu minsi ya Nowa bibabaza umutima w’Imana cyane. ifata icyemezo cyo kubahanisha umwuzure, ariko ikiza Nowa. Imana iha Nowa amabwiriza yo kubaka ubwato bwo kumukiza umwuzure we n’umuryango we. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzamurongo 2 Yerekane: FBI – Nowa n’Umwuzure Ukomeye (I)</p>
YISUBIREMO	Muhange! Shushanya Nowa, umuryango we n’inyamaswa bari imbere mu bwato, bureremba ku mazi. Igishushanyo ucyite: “Gukizwa n’Imana”.	Henoki na Nowa bari bantu ki? Ni iki cyabatandukanyaga n’abandi bantu?
MUBIKORWA	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <p>Imana yakunze Nowa maze imuha uburyo bwo kwitegura, uburyo bwo kumukiza umwuzure. Nowa yagombaga mbere na mbere gukurikiza amabwiriza y’Imana. Imana idusaba kwitegura urubanza. Ishaka ko twiringira mu Mwami Yesu Kristo wadupfiriye ku musaraba ngo adukize. uramwiringira? Witeguye gukizwa?</p>	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <p>Reba inyuma kurutonde rw’ibigaragaza kuba Abakristo batandukanye n’imbaga y’abandi bantu maze utekereze kuri Henoki na Nowa n’imibanire yabo n’Imana. Saba Imana kugufasha kuyiringira no kugendera mu nzira zayo muri iki cyumweru. Ugomba guhitamo kimwe mu bigaragaza Umukristo udahemuka no gusaba Imana kugufasha gukura muri icyo.</p>

	A2 – ICYICIRO 3 Isomo 3 – Nowa n’umwuzure Icyigwa – Yakijijwe n’inkuge	A2 – ICYICIRO 4 Inyigisho 3 – Nowa n’Umwuzure Icyigwa – Gukorera Imana
	Gusoma Bibiliya: Itangiro 8:1-22 Uw’ingenzi: Itangiro 8:1 Tugiye kwiga ko: 1. Imana yibutse ikita kuri Nowa n’umuryango we n’inyamaswa bari kumwe mu nkuge. 2. Nowa yashimiye Imana kuko yamukirije mu nkuge. 3. Imana yasezeranije kutazongera kurimbura ibifite ubuzima.	Gusoma Bibiliya: Itangiro 6:14-22 na 7:1-24 Uw’ingenzi: Abaheburayo 11:7 Tugiye kwiga ko: 1. Imana iha Nowa amabwiriza ya byose byo kubaka Inkuge. 2. Nowa yumvira amabwiriza y’Imana uko ateye maze arakizwa.
YITANGIRE	1. Kora urutonde ry’uburyo bwose umuryango wawe, incuti n’abarimu bawe bakwitaho. 2. Kora urutonde rw’uburyo Imana itwitaho buri muni. 3. Ibutsa itsinda akamaro ko gushimira umuryango wacu, incuti n’abarimu ku byo badukorera byose. Ni iby’ingenzi kurushaho iyo dushimira Imana ko idukiza mu gihe tuyiringira.	Jya impaka mu itsinda ku mabwiriza y’umutekano mu ndege no mu bwato. Mbese abantu barayakurikiza neza? Kuki? Kuki batayakurikiza? Kuki byari ngombwa ko Nowa yumvira buri bwiriza ryose Imana yamuhaye?
YIRANGIZE	Vuga Inkuru yo muri Bibiliya Yivugeho kandi uyisobanure: 1. Imana yibuka Nowa, umuryango we n’inyamaswa bari kumwe mu nkuge. Yohereza umuyaga uhuha ku isi maze amazi y’umwuzure atangira kugabanuka. 2. Nyuma y’iminsi 150 (Amezi atanu yose) ubwato buhagarara ku musozi Ararati. Hashize amezi abiri n’igice nyuma y’uko amazi agabanutse maze indi misozi igatangira kongera kuboneka. 3. Nyuma y’iminsi 40 Nowa akingura idirishya ry’inkuge maze asohora ikiyoni, ntiyagaruka. Nyuma yohereza inuma. Inuma ntiyabona ubutaka bwumutse ihagararaho, maze igaruka mu nkuge. 4. Bwa nyuma, hashize amezi abiri n’igice nyuma y’umwuzure, ubutaka bwari bwongeye kumuka! 5. Imana ibwira Nowa gusohoka mu bwato we n’umuryango we n’inyamaswa. 6. Nowa ashima Imana cyane. Yubaka igicaniro atamba igitambo cyoswa ku Mana. 7. Imana inezererwa ituro rya Nowa. Isezeranya kutazongera kurimbura ibifite ubuzima byose. Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzwa isomo 3 Yerekane: FBI – Nowa n’Umwuzure Ukomeye (I)	Vuga Inkuru yo muri Bibiliya Yivugeho kandi uyisobanure: 1. Imana yahaye Nowa amabwiriza asobanutse ku kubaka ubwato bunini no ku kwitegura umwuzure yari igihe koherereza. 2. Imana iburira Nowa kuri bimwe by’umwuzure. 3. Imana isezerana gukiza Nowa, umuryango we n’inyamaswa. 4. Imana iha amabwiriza asobanutse ku buryo bwo gukiza inyamaswa. Nowa, n’umuryango we binjira mu bwato maze Imana ibakingiraniramo imbere. 5. Umwuzure umara iminsi 40 maze ikinyabuzima cyose cyari hanze kirimbukira mu mvura nyinshi. Nowa wenyine n’umuryango we, hamwe n’inyamaswa bari imbere mu nkuge, bararokoka. Imana ibakomeza mu mutekano, bareremba hejuru y’amazi y’umwuzure. Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzwa inyigisho 3 Yerekane: FBI – Nowa n’Umwuzure Ukomeye (I)
YISUBIREMO	Kora igishushanyo kinini ushyiremo ibintu dushobora gushimira Imana, by’umwihariko agakiza.	Ni iki twigira mu miterere ya Nowa n’Imana muri iyi nkuru? Kora urutonde rw’amagambo wakoresha kuvuga buri umwe muri bo.
MUBIKORWA	Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza: 1. Imana yakijije Nowa kandi imwitaho. Nowa yashimiye Imana. Imana ishobora kandi ishaka kudukiza no kutwitaho. Tugomba kuyiringira kandi tukayishimira	Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza: 1. Soma umurongo w’ingenzi. Ni gute twakurikiza urugero rwa Nowa mu buzima bwacu? 2. Ni iki bishobora gutanga ku bantu badukikije?

	A2 – ICYICIRO 3 Isomo 4 – Nowa n’Umwuzure Icyigwa – Hanze y’inkuge	A2 – ICYICIRO 4 Inyigisho 4 –Nowa n’Umuryango we Icyigwa – Kuramya Imana
	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Itangiro 9:7-17</i></p> <p>Uw’ingenzi: <i>Itangiro 9:15</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana yagiranye isezerano na Nowa. Yasezeranije ko itazongera kurimbuza umwuzure ibifite ubuzima byose. 2. Imana yashyize umukororombya ku ijuru nk’urwibutso rw’iryo sezerano rya Yo. 	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Itangiro 8:1-22 na 9:11-16</i></p> <p>Uw’ingenzi: <i>Abefeso 2:8</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana yibutse Nowa, umuryango we n’inyamaswa bari mu nkuge. 2. Nowa arashima, aramya Imana mbere yo kugira ikindi cyose akora, nyuma yo gusohoka mu nkuge. 3. Imana isezeranya kutazongera kurimbuza umwuzure abatuye isi.
YITANGIRE	<p>Babiri babiri, bajye impaka ku masezerano anyuranye abantu bakoze. Ese buri gihe abantu bakomeza amasezerano yabo?</p>	<p>Babiri babiri: muvuge ku dukarita tw’impano, gushimira. Kuki abantu batwohereza? Hari ako wigeze wohereza? Kuki?</p>
YIRANGIZE	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uysisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana yabwiye Nowa n’umuryango we kugwira no kuzura isi. 2. Imana yagiranye isezerano ryihariyana Nowa n’abana be n’inyamaswa n’ibifite ubuzima ku isi. 3. Imana yasezeranije kutazongera kurimbuza isi n’ibyaremwe byayo umwuzure. 4. Imana yashyize umukororombya mu bicu nk’urwibutso rw’isezerano ryayo rihoraho. Rizahoraho iteka ryose. ntzigera yica isezerano ryayo. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzura isomo 4 Yerekane: FBI – Nowa n’Umwuzure Ukomeye (I)</p>	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uysisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana yahaye Nowa amabwiriza asobanutse yo kubaka ubwato bunini no kwitegura umwuzure ukomeye yari igiye kohereza. 2. Imana yasezeranije gukiza Nowa, umuryango we, n’inyamaswa bari mu bwato bunini. 3. Umwuzure ukomeye uraza umara iminsi 40. Nowa wenyine n’umuryango we, hamwe n’inyamaswa bari imbere mu nkuge, nibo barokotse. 4. Umwuzure urarangira, maze amazi agenda agabanuka. Inkuge ihagarara ku Musozi Ararati. 5. Nyuma y’iminsi 40, Nowa yohereza igikona hanze y’inkuge. Gikomeza kugenda kijarajara kugeza amazi yumutse ku isi. Nyuma yohereza inuma. Ntiyabona ubutaka bwumye ihagarara ho iragaruka, ariko nyuma y’iminsi irindwi, Nowa arongera arayohereza. ubwo yagarukaga izana ikibabi cy’umunzenze. Ubukurikiyeho Nowa ayirekuye, inuma ntiyongera kugaruka. Ubutaka bwari bwumutse rwose. 6. Imana ibwira Nowa n’umuryango we gusohoka mu nkuge, kugwira no kuzura isi. 7. Ikintu cya mbere Nowa yakozze asohotse mu nkuge cyabaye gutamba igitambo ku Mana. 8. Imana itanga isezerano ryihariye ryitwa igihango na Nowa n’abana be n’inyamaswa zose n’ibifite ubuzima byose ku isi. 9. Imana isezeranya kutazongera kurimbuza isi umwuzure n’ibiremwa byayo. 10. Imana ishyira umukororombya mu bicu nk’icyibutsa isezerano ryayo rihoraho. Rizaba iry’iteka. Ntzigera yica isezerano rya Yo. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzura inyigisho 4 Yerekane: FBI – Nowa n’Umwuzure Ukomeye (I)</p>
YISUBIREMO	<p>Hanga! Kora igishushanyo kinini cy’umukororombya. Cyite: “Imana ikomeza amasezerano rya Yo iteka!”</p>	<p>Mubiganireho mu matsinda maze muvuge mu itsinda ryose: Ni iki iyi nyigisho itwigisha ku kuramya?</p>
MUBIKORWA	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza: Isezerano ry’Imana kuri Nowa ryari iry’iteka. Imana ikomeza amasezerano yayo iteka. Ni izihe mpinduka ibi byasiga mu buzima bwacu?</p>	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza: Nowa yashimiye Imana. Ni gute dushobora, mu buryo bufatika, gutanga ishimwe ryacu ku Mana ku bw’imigisha ya Yo mu buzima bwacu?</p>

	A3 – ICYICIRO 3 Isomo 1 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Yesu ahamagara Petero	A3 – ICYICIRO 4 Inyigisho 1 – ubuzima bwa Petero Icyigwa – Guhamagarwa kwe
	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Matayo 4:17-22</i></p> <p>Uw'ingenzi: <i>Matayo 4:19</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Yesu ahamagara abantu kumukurikira. 2. Gukurikira Yesu bivuga kwimwizera no kwihana ukava mu cyaha. 	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Matayo 4:17-22; Yohana 1:35-42</i></p> <p>Uw'ingenzi: <i>Matayo 4:19</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Andereya na Yohana nibo bahuye na Yesu bwa mbere, nyuma baza kuba abigishwa be. 2. Bahishuriwe ko Yesu ari we Mesiya n'Umukiza.
YITANGIRE	Vuga kuba mu mikino cyangwa mu bikorwa bimwe nabimwe ukeneye amatsinda y'abantu mukorana nayo. Yesu yari atangiye Umurimo we kandi yari akeneye abantu yagombaga gutoya ngo bazakomeze umurimo yaragiye.	Vuga ukuntu abantu bashobora gufana no gukurikira ikipe yg'ugumuukpurriaki rwa aikmipaeg uru, abaririmbyi, n'abandi. Sobanura ko Yesu, imiterere ye n'amagambo ye byakururiraga abantu kuri we. Sobanura na none ko Yesu yahamagaye abantu bazwi kuba abigishwa be.
YIRANGIZE	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugaho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ubutumwa Yesu yigishije. (4:17) 2. Yesu abona Petero na Yohana bajugunya inshundura zabo. 3. Yesu yahamagaye abarobyi bakoraga cyane, nk'itsinda, kandi yari azi ko bazatowa gukora umurimo We. 4. Bumvira umuhamagaru we ako kanya. 5. Yesu kandi ahamagara Yakobo na Yohana nabo ako kanya baramwumvira. Abo ni bo babaye abigishwa be ba mbere. <p>Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzanya isomo 1 Yerekane: nta inkuru FBI bijyanye.</p>	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugaho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Yohana Umubatiza yavuze ko Yesu ari Umwana w'Intama w'Imana maze Andereya n'inshuti ye bamenya ko ari we Mesiya. (Yohana 1:35, 41) 2. Kumenya kwa Andereya kwazanye Petero kuri Yesu Yesu. 3. Ntabwo byatunguranye babonaga Yesu barimo baroba, maze akabahamagara ngo bamukurikire, bagahita bamwumvira. 4. Urugero rw'ubuhamya bwite bwa Andereya. 5. Akamaro ko kumenya Yesu ubwawe no kubibwira abandi. <p>Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzanya inyigisho 1 Yerekane: nta inkuru FBI bijyanye.</p>
YISUBIREMO	<p>Ibibazo by'abanyeshuli:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kuki Yesu yahamagaye aba bantu by'umwihariko? 2. Bisobanura iki kumvira umuhamagaru w'Imana muri iki gihe? 3. Ni izihe ngorane zituma kumvira umuhamagaru w'Imana bikomera? 4. Ni iki Yesu yabazereyanije? (reba igice 4:19) 	<p>Ibibazo by'abanyeshuli:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni gute umenya ko Imana ifite umugambi ku buzima bwawe? 2. Ni uwuhe mugambi Yesu yari afite kuri aba bigishwa be ba mbere? 3. Ni izihe nyungu zo kumenya umugambi w'Imana? 4. Ni gute twamenya umugambi w'Imana ku buzima bwacu ni nagute twawubamo?
MUBIKORWA	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Muvuge ku cyo kwihana bisobanuye muri iki gihe. 2. Andika isengesho ryo kwihana maze uribike. 3. Mushakashake umuhamagaru w'Abakristo b'ibirangirire muri iki gihe nka David Livingstone. 	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Muvuge uburyo dushobora guhamiriza Imana muri iki gihe. 2. Kora urutonde rw'amwe mu mazina n'inyito bya Yesu.

	A3 – ICYICIRO 3 Isomo 2 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Gufata ifi nyinshi	A3 – ICYICIRO 4 Inyigisho 2 – Petero Icyigwa – Ibyamugoye
	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Luka 5:1-11</i></p> <p>Uw’ingenzi: <i>Abaroma 3:23</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Abigishwa bize kumvira Yesu. 2. Yesu arakomeye, afite imbaraga kandi ashobora gukora ibitangaza. 3. Imana ishobora gukoresha buri wese wihanyye. 	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Matayo 14:22-33</i></p> <p>Uw’ingenzi: <i>Matayo 14:33</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Abigishwa bize ko Yesu ari Umwana w’Imana, kandi ko ashobora kutumara ubwoba. 2. Kwiringira Yesu bidushoboza kunesha imiraba yo m’ubuzima.
YITANGIRE	<p>Vuga ukuntu mu ishuli habaho isuzuma akenshi, cyangwa ibizamini byo kureba niba abanyeshuli barize amasomo bahawe. Yesu yagombaga gusuzuma ukwizera no kumvira kw’abigishwa be muri ibi byabaye.</p>	<p>Sobanura ko ubuzima bwacu ari nk’urugendo, rutangirira mu kuvuka kwacu rugakomeza kugeza igihe dupfuye. Hari ibihe bya’mahoro ubwo ubuzima buba bworoshye, n’ibihe by’imiraba ubwo ubuzima buba bugoye.</p>
YIRANGIZE	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Yesu yavuganaga n’imbaga y’abantu ari mu bwato bwa Petero. 2. Maze arangije abasaba kongera kujya kuroba. (Bari baraye ijoro ryose baroba, bari bananiwe kandi bashonje kandi ntacyo bari bafashe.) 3. Petero akora uko Yesu amutegetse maze bafata umubare munini wa amafi. 4. Petero amenya ko Yesu yari akomeye, n’uko we ubwe ari ntacyo yari avuze! (Umurongo 8) 5. Abigishwa basiga byose bakurikira Yesu. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzamurongo 2 Yerekane: FBI – Yesu ahamagara abigishwa be ba mbere (P)</p>	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Yesu yakoze igitangaza gikomeye nyuma yohereza abigishwa be kwambuka Inyanja ya Galilaya. 2. Azamuka umusozo gusenga. 3. Abigishwa bahura n’umuraba. 4. Yesu arabimenya maze arabasanga, agendera hejuru y’inyanja. 5. Petero asaba kumusanga, abikora agendera hejuru y’inyanja. 6. Atangira kurohama, atabaza Yesu maze Yesu aramukiza. 7. Sobanura akamaro ko kwizera Yesu. 8. Sobanura uburyo iyo twiringire Yesu, ashobora kudufasha mu buzima bw’imiraba. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzamurongo 2 Yerekane: FBI – Yesu agendera hejuru y’amazi (I)</p>
YISUBIREMO	<p>Ibibazo ku banyeshuli:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Igisubizo cya Petero mu murongo wa 5 gisobanura iki? 2. Ni izihe nyigisho twakwigira kuri Petero zerekeye ukwatura icyaha kwe? 3. Muganire ku kwihana icyo ari cyo. 4. Ni gute “twasiga byose” ku bwa Yesu”? 	<p>Ibibazo ku banyeshuli:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni gute amagambo ya Yesu mu murongo 27 adutera umwete? 2. Ni iki twigira ku rugero rwa Petero muri iki gice? 3. Ni izihe nyigisho dushobora kwiga mu guhura n’imiraba mu buzima bwacu?
MUBIKORWA	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Vuga inzira eshatu ushobora kuzumviramo Yesu mu cyumweru kije. 2. Baza Umukristo uzi akubwire igihe we yaboneyemo imbabazi z’Imana. 	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Nk’itsinda muganire k’umuraba ukomeye mwahuye nawo mu buzima maze mutekereze ukuntu Yesu ashobora kubibafashamo mu igihe tumwiringira. 2. Soma Yesaya 43:2. Reba ku bakurikira Yesu, n’uburyo uyu murongo ujyanye n’ibyo twasomye muri Bibiliya uyu munsu?

	A3 – ICYICIRO 3 Isomo 3 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Yesu akiza Petero	A3 – ICYICIRO 4 Inyigisho 3 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Ukwatura kwe
	<p>Gusoma Bibiliya: Matayo 14:22-33</p> <p>Uw’ingenzi: Matayo 14:33</p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Yesu ari Umwana w’Imana. 2. Kwiringira Yesu bidufasha kunesha imiraba y’ubuzima, n’ibyo dutinya. 	<p>Gusoma Bibiliya: Matayo 16:23-28</p> <p>Uw’ingenzi: Abaroma 10:9</p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Yesu ari we “Kristo” cyangwa “Mesiya”. 2. Icyo Umwami yasubije Petero gitanga urufatiro rw’Itorero.
YITANGIRE	Vuga ku rugendo rw’ubuzima. Sobanura ko ubuzima ari nk’urugendo rutangira mu gihe tuvutse rugakomeza rukarangira mu gihe dupfuye.	Sobanura ku byerekeye ko kimwe mu bibazo by’ingutu byugarije umuntu ni icyo kumenya Yesu uwo ari we. Sobanura uko abantu mu gihe cye batangaga ibisubizo binyuranye bavuga Yesu uwo ari we, maze Yesu abaza abigishwa be uwo batekerezaga ko yari.
YIRANGIZE	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Yesu yakoze igitangaza gikomeye maze yohereza abigishwa be hafi y’inyanja ya Galilaya. 2. Azamuka umusozi aya gusenga. 3. Abigishwa be bahura n’umuhengeri. 4. Yesu ibyo arabimenya maze aza abasanga agendera hejuru y’inyanja. 5. Petero amusaba kumusanga, nawe agendera hejuru y’inyanja. 6. Atangiye kurohama, ahamagara Yesu, maze Yesu aramukiza. 7. Sobanura akamaro ko kwizera Yesu. 8. Sobanura ukuntu mu gihe twiringira Yesu ashobora kudufasha mu miraba y’ubuzima. 9. Tekereza ku kamaro ko kwiringira Yesu mu bihe bigoye. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzanya isomo 3 Yerekane: FBI – Yesu agendera hejuru y’amazi (I)</p>	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Yesu ari kure mu majyaruguru aho yasuye. (Reba ikarita mu nyigisho) 2. Arabaza ati, “Abantu bavugaga ko ndi nde?”- Reba ibisubizo bine. 3. Maze arabaza ati, “Mwebwe muvugaga ko ndi nde?” Reba uko Petero yahise asubiza. 4. We asobanura ko abizera Umwana w’Imana Nzima bese bagize Itorero. Ntabwo ari inyubako ahubwo ni itsinda ry’abantu bizera. 5. Nyuma Yesu avugaga ko agiye gupfa maze akazazuka. 6. Petero aravugaga ngo ibyo ntibikabwaga na rimwe. Reba uko Umwami yasubije Petero. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzanya inyigisho 3 Yerekane: FBI – nta inkuru FBI bijyanye.</p>
YISUBIREMO	<p>Ibibazo ku banyeshuli:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni gute Yesu ashobora kudufasha guhangana ni biteye ubwoba? 2. Vuga bimwe mu bibazo rusanjye urubyiruko ruhura na byo. 3. Ni gute iki gice cyagufashije? 	<p>Ibibazo ku banyeshuli:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni gute dushobora kwiringira rwose ko mu by’ukuri turi aba Yesu? 2. Ni gute duhinduka kuba urugingo rw’Itorero? 3. Ni ibihe bintu byiza byo kuba urugingo rw’Itorero?
MUBIKORWA	<ol style="list-style-type: none"> 1. Mukore urubuga rwo kwerekana ibibazo mubyandika ku mpapuro maze ubundi mubibambwe ku musaraba. 2. Shushanya umukororombya maze wandike rimwe mu masezerano ari muri Bibiliya kuri wo. 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Wandike amashyamba bwite ashimira Imana ku bw’Itorero ryanyu. 2. Tekereza ku muntu ushobora kuganiriza ku nkuru nziza ya Yesu.

	A3 – ICYICIRO 3 Isomo 4 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Yesu ni nde?	A3 – ICYICIRO 4 Inyigisho 4 – ubuzima bwa Petero Icyigwa – Ku musozi
	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Matayo 16:13-23</i></p> <p>Uw'ingenzi: <i>Abaroma 10:9</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Tugomba guhamya ko Yesu ari Umwana w'Imana. 2. Yesu ni Umutwe w'Itorero. 	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Matayo 17:1-13</i></p> <p>Uw'ingenzi: <i>2 Petero 1:16-18</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Yesu yihariye nk'umwana w'Imana. 2. Yesu aruta Mose cyangwa Eliya.
YITANGIRE	Vuga ku bantu b'ibirangirire maze urebe impamvu bafatwa nk'ibirangirire. Yesu yabaye ikirangirire ariko abantu benshi n'ubu ntibazi mu by'ukuri uwo yari we.	Vuga ku byo abanyeshuli babonye bibuka batazibagirwa. Sobanura uko abigishwa batatu batazibagirwa kuba barabonye Yesu mu bwiza bwe bw'ukuri ku musozi.
YIRANGIZE	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Yesu arabaza ati, "Abantu bavugaga ko ndi nde?" reba ibisubizo bine. 2. Arongera arabaza ati, "Mwebwe muvugaga ko ndi nde?" – Reba icyo Petero yahise asubiza. Sobanura akamaro k'ibyho Petero yavuze n'icyo bisobanuye ku bizera. 3. Bityo asobanura ko bese bizera ko ari Umwana w'Imana Ihoraho baba bagize itorero. Ntabwo ari inyubako ahubwo ni itsinda ry'abantu bizera! 4. Nyuma Yesu asobanura ko agiye gupfa kandi akazazuka. 5. Petero avugaga ko ibyo bidakwiriyeho kuba na rimwe. Reba icyo Umwami yasubije Petero. <p>Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzaza isomo Yerekane: FBI – nta inkuru FBI bijyanye.</p>	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Yesu yahisemo abigishwa batatu kujyana na We ku musozi. 2. Ababonekera mu bwiza bwe bwose n'icyubahiriro ari kumwe na Mose na Eliya. 3. Petero ashaka kuhaguma no kubaka amahema atatu yabo. Imana ivugira mu ijuru ibibutsa ko Yesu ari hejuru cyane ya buri wese. 4. Abigishwa baratinye cyane ariko Yesu arabakomeza abasobanurira ibyababayeho. 5. Sobanura uko Yesu ntawundi bahwanye nuko ari umuntu w'igitangaza. 6. Tekereza ku kamaro ko kumuha umwanya wa mbere mu buzima bwacu. <p>Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzaza inyigisho Yerekane: FBI – Yesu ahinduka ukundi (I)</p>
YISUBIREMO	<p>Ibibazo ku banyeshuli:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kuki amagambo ya Petero (UMURONGO22) yari mabi? 2. Ni gute Itorero ryacu rishobora kudufasha gukorera Imana neza kurushaho? 3. Ni gute twaba abahamya beza, tubwira abandi uwo esu ari we by'ukuri? 	<p>Ibibazo ku banyeshuli:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kuki byari ngombwa kuri Petero guhamya uguhinduka ukundi kwa Yesu? 2. Ni iki utekereza ko abigishwa bigiye ku byo babonye? 3. Ni gute dushobora guha Yesu umwanya wa mbere mu buzima bwacu?
MUBIKORWA	<ol style="list-style-type: none"> 1. Mukore urubuga mushushanya umurongo rusange w'itorero kandi mwandika inyungu zo kuba mu muryango w'itorero. 2. Andika abantu ushaka guhamiriza maze ubasengere buri gihe. 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Kora urutonde rw'ibintu bitubuzira gushyira Yesu ku mwanya wa mbere. 2. Umurongo 5 uravugaga ngo "Mumwumve." Fata umwanya muri iki cyumweru wo kumva icyo Imana ikubwira.

	A4 – ICYICIRO 3 Isomo 1 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Urugero rw'urukundo	A4 – ICYICIRO 4 Inyigisho 1 – ubuzima bwaPetero Icyigwa – inyigisho zo kwicisha bugufi
	Gusoma Bibiliya: Yohana 13:1-17 Uw'ingenzi: Yohana 13:15 Tugiye kwiga ko: 1. Yesu yari umugaragu w'ukuri. 2. Natwe tugomba gukorera abandi.	Gusoma Bibiliya: Yohana 13:1-17 Uw'ingenzi: Yohana 13:15 Tugiye kwiga ko: 1. Yesu ari Umugaragu wicisha bugufi wumvira ugushaka kw'Imana. 2. Kwicisha bugufi ni ishingiro mu murimo wa gikristo.
YITANGIRE	Igihugu Yesu yabagamo cyari gishyushye kandi gikakaye. (Gereranya icyo gihugu n'icyo abanyeshuli babamo) Abantu banyuraga mu nzira irimo umukungu maze bagera mu rugo nyir'urugo yitaga kureba ko abashyitsi bokejwe ibirenge mbere yo kubagaburira. (Ahari watekereza iby'imico mu gihugu cy'abanyeshuli mbere yo kwinjira mu nzu.)	Umwami Yesu akenshi mu migani Ye yasobanuye ukuri kw'ingenzi kwerekeye ubuzima bwa Gikristo. Hano yahisemo gukora agaragaza inyigisho Ye byiswe "Umugani mu gikorwa".
YIRANGIZE	Vuga Inkuru yo muri Bibiliya Yivugeho kandi uyisobanure: 1. Ni umunsi mbere y'uko Yesu abambwa, kandi yari gusangira n'abigishwa be bwa nyuma. 2. Nta numwe wari wigeze akurikiza umuhango usanzwe ngo yoze ibirenge byabo. Yesu yitegura kubikora (Imirongo 4 -5). 3. Petero avuga ko adashaka ko Yesu yoza ibirenge bye. 4. Yesu amubwira ko agomba kubikora, ko niba atabyemeye, nta mugabane afite kuri we. (Umurongo 8) 5. Yesu yogeje ibirenge byabo ngo yerekane ko twese twandujwe n'icyaha tukaba dukeneye kuhagirwa no kwezwaho icyaha cyacu, kandi ni we wenyine ushobora kubikora kuko yadupfiriye ku musaraba. 6. Yesu yerekanaga kandi ko tugomba kwitegura gukora. ibigirira neza abandi. 7. Srerrobanura icyo biv uga kozanya ibirenge. Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzanya isomo 1 Yerekane: FBI – Yesu yoza ibirenge by'abigishwa be (P)	Vuga Inkuru yo muri Bibiliya Yivugeho kandi uyisobanure: 1. Yesu yizihizaga Pasika hamwe n'abigishwa be bibuka ibyabaye mu gihe Abisirayeli bakurwaga muri Egipta. 2. Ni mu gihe baryaga yakoze ibyerekenye inyigisho ebyiri z'ingenzi. 3. Bwa mbere afata umwanya w'umugaragu maze aboza ibirenge, yerekana ko yari yiteguye gukora ibyo aboroheje cyane ngo ababere urugero. (reba umurongo w'ingenzi) 4. Yaberekaga kandi ko twese dukeneye kwezwaho icyaha cyacu (akoresha ikigereranyo cyo kuhagirwa, (umurongo 10) kandi nanone ko buri muni dukeneye kozwa ibirenge mu gihe twahindutse Abakristo kuko buri muni ducumura tukaba dukeneye imbabazi ze. 5. Reba ku cyo Umwami yabwiye Petero ngo bifashe abanyeshuli gusobanukirwa ibi. 6. Bwa kabiri afata umugati na divayi maze avuga ku mubiri we ugiye kubambwa, n'amaraso ye agiye kumenekera ku musaraba. (reba Luka 22:19 & 20) Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzanya inyigisho 1 Yerekane: FBI – Yesu yoza ibirenge by'abigishwa be (P)
YISUBIREMO	1. Muvuge mu buryo bufatika uko abakristo bashobora kuzakoreramo abandi mu cyumweru kije. 2. Tekereza ku buryo bufatika wazakorera itsinda ryo hanze y'itorero mu mwaka utaha.	1. Vug uburyo dushobora kwicisha bugufi muri ibi bihe. 2. Tekereza ku buryo bufatika dushobora guha Imana umwanya wa mbere mu buzima bwacu 3. Shakisha ubuzima bw'Umukristo uzwi neza gukora mu kwicisha bugufi.
MUBIKORWA	Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza: 1. Ni gute Yesu yakoreye abandi mu gihe yari hano ku isi? 2. Yesu yigishaga kandi ko mu gihe turi Abakristo dukomeza kuba twakora icyaha bityo buri muni tukaba dukeneye gushaka kwezwaho n'imbabazi ze.	Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza: 1. Ni izihe nyigisho Petero yigiye kuri ibi byabaye? 2. Bisobanuye iki kwezwaho icyaha cyacu kandi ni iki twakora buri muni ngo tugume mu busabane n'Umwami kandi ngo dukurikize ugushaka kwe mu buzima bwacu?

	A4 – ICYICIRO 3 Isomo 2 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Yihakanye Umwami we	A4 – ICYICIRO 4 Inyigisho 2 – ubuzima bwa Petero Icyigwa – Inyigisho ry’ubudahemuka
	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Luka 22:31-34, 54-62</i></p> <p>Uw’ingenzi: <i>Luka 22:31-32</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Bigoye kuvuga ko turi aba Yesu. 2. Tugomba kgerageze buri gihe kuvuga ukuri. 	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Luka 22:31-34, 39-62</i></p> <p>Uw’ingenzi: <i>Luka 22:31-32</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Twirinde kwiyemera ubwacu, ahubwo twiringire Yesu. 2. Tugomba rwose kwicuza mu kuri icyaha cyacu, nka Petero.
YITANGIRE	Tekereza ku byabaye mu gihe abanyeshuli baba barashatse kubeshya cyangwa ntibavuge ukuri kuzuye. Suzuma impamvu rimwe na rimwe dutinya kuvuga ukuri. Sobanura uko Petero ubwe yageze mu bihe nk’ibyo.	Petero yirase ko atazigera atererana Yesu, n’ubwo yafungwa cyangwa agapfa amuhorwa. (Luka 22:33) Tuzi ko ubwibone bubanziriza kurimbuka. (Imigani 16:18) Kuri Petero, ubwibone bwe bwabanjirije kugwa bikomeye.
YIRANGIZE	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Petero yakurikiye abafashe Yesu kugera ku rugo rw’Umutambyi mukuru. 2. Yivanze n’abandi abantu mu busitani bw’inzu. 3. Bamwe muri bo bamubaza niba yari inshuti kandi n’umwigishwa wa Yesu maze inshuro eshatu zose ahakana ko azi Yesu ababeshya. 4. Yesu areba Petero inkoko irabika maze Petero amenya icyo yakoze. Asohoka hanzi ararira cyane. Yari yavuye kuri Yesu mu gihe we yari amukeneye, maze aba ikigwari aho kuba intwari. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzanya isomo 2 Yerekane: FBI – Petero yihakana Yesu (P & I)</p>	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Petero agomba kuba yaragize urujijo. Yari azi icyo Yesu yavuze ku kumwihakana. (22:34) Yatekereje ko akomeye bihagije byo gushyigikira Yesu. 2. Mu gihe byari bikomeye agira ubwoba bwo kuvuga ukuri. Koko rero yihakanye Yesu inshuro eshatu nk’uko Yesu yari yabivuze. 3. Tekereza ukuntu yiyumvise nyuma yo gutererana Yesu. 4. Vuga imiterere yo gushukwa kwa Petero. 5. Nanone kandi muvuge ku kamaro k’aho tujya n’abo twivanga na bo n’uburyo dutekereza. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzanya inyigisho 2 Yerekane: FBI – Petero yihakana Yesu (P & I)</p>
YISUBIREMO	<ol style="list-style-type: none"> 1. Tanga impamvu tubona bikomeye kuba aba Yesu maze wandike isezerano rya Bibiliya kuri zo. 2. Petero yatereranye Yesu; aho azigera ababwirwa? 3. Shaka ukuntu Dawidi yatuye icyaha cye na Batisheba (2 Samweli:11) muri Zaburi 51 maze akagarurwa mu nzira. 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Kora urutonde rw’ibyo twakurikiza mu gushaka inshuti nziza. 2. Vuga uburyo bumwe ushobora kudahemukiramo Yesu muri iki cyumweru. 3. Tekereza ku cyo Yesu yashakaga mu gihe yaburiraga Petero ku biza kuba. (Luka 22:32)
MUBIKORWA	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kuki rimwe na rimwe bikomeye ku Bakristo kuvuga ko ari aba Yesu? 2. Ni iki kitubuza kuvuga ukuri? 	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni gute dushobora kwerekana ko rwose mu by’ukuri twicuza icyaha cyacu? 2. Ni gute twahitamo inshuti zo kugendana nazo buri gihe?

	A4 – ICYICIRO 3 Isomo 3 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Umwami Yesu arapfa	A4 – ICYICIRO 4 Inyigisho 3 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Inyigisho mu kababaro no mu byishimo
	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Mariko 15:22-40</i></p> <p>Uw'ingenzi: <i>Abagalatiya 2:20</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Yesu nta cyaha cyari kimurimo kandi yari atunganyeye. 2. Dukwiriye gushimira Yesu ku bw'urupfu yadupfiriye ku musaraba. 	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Luka 24:1-12 na 33-49</i></p> <p>Uw'ingenzi: <i>Luka 24:46-47</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Yesu yishyizeho igihano cy'icyaha cyacu ngo dukizwe. 2. Yesu aduha imbabazi n'ubugingo buhoraho.
YITANGIRE	Muvuge icyo abanyeshuli bagomba gukora niba baratereranye umuntu nk'uko Petero yabikoze? Tekereza ibyo Petero ashobora kuba yaragerageje gukora n'ukuntu bishobora kuba bitashobokaga.	Sobanura ko tutazi neza icyo Petero yakoraga mu gihe Yesu yari ku musaraba, ariko tuzi neza ko ku Cyumweru cya Pasika mu gitondo yagiye ku gituro, kandi Bibiliya ivuga ko yaje guhura na Yesu uwo muni. (Reba umurongo 34)
YIRANGIZE	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Vuga ukuntu Yesu yajyanywe hanze y'umurwa kubambwa. 2. Vuga ukuntu yagiriye n'ukuntu abari bamukikije bamutukaga bakamuseka. 3. Vuga ko amasaha 3 y'umwijima cyari igitangaza bikaba bidufasha kumva ko Imana itashoboraga kureba umwana wayo warimo guhanirwa icyaha cyacu. 4. Muri icyo gihe Yesu yishyirazeho igihano cy'icyaha twari dukwiriye. 5. Vuga ibyabaye mu gihe Yesu yapfuye. (imirongo 38-39) 6. Vuga igisubizo cy'utwara ingabo ijana wari uhagaze hafi y'umusaraba. <p>Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzanya isomo 3 Yerekane: FBI – Yesu yarabambwe kandi arapfa (P & I)</p>	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Vuga ukuntu abagore bagiye ku mva mu museso kuri Pasika. 2. Sobanura icyo babonye n'ubutumwa bahawe. 3. Mu gihe Petero yumvise izo nkuru, vuga icyo yakoze. (Umurongo 12) 4. Muganire ku kuba bamwe byarabakomereye kwemera ko Yesu ari muzima. 5. Sobanura icyabaye mu gihe Umwami Yesu yababonekeraga. 6. Petero n'inshuti ze bagize ibyishimo bitangaje babonye Umwami wabo wazutse. 7. Ni gute Yesu asobanura kubabazwa kwe? (imirongo 45-47) <p>Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzanya inyigisho 3 Yerekane: FBI – Yesu ni muzima kandi yazutse mu bapfuye (I & P)</p>
YISUBIREMO	<ol style="list-style-type: none"> 1. Tekereza ku bisobanuro by'urupfu rwa Yesu ku musaraba, icyo umurongo w'ingenzi uvuga, no kuba Yesu yarapfuye ku bw'abantu. 2. Muvuge ku nyungu z'urupfu rwa Yesu ku musaraba. Tekereza aho wakwerekana umusaraba nk'urwibutso rw'igitambo cya Yesu. 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Muganire ku buryo dushobora kugaragaza bifatika ko twicuza ibyaha byacu. 2. Himba amagambo y'indirimo yizihiza ugutsinda urupfu kwa Yesu no kuzuka kwe.
MUBIKORWA	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kuki utekereza ko Yesu yapfiriye ku musaraba? 2. Ni gute dushobora kwerekana ko dushimira Yesu ku bw'urupfu rwe ku musaraba? 	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni gute tumenya neza ko Yesu ari muzima? 2. Bivugira iki kugira ubuzima buhoraho? 3. Ni gute twamenya mu by'ukuri ko twababariwe?

A4 – ICYICIRO 3 Isomo 4 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – “Urakunda?”	A4 – ICYICIRO 4 Inyigisho 4 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Inyigisho mu rukundo	
	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Yohana 21:1-17</i></p> <p>Uw’ingenzi: <i>Yohana 21:17</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Nigihe twatereranye Yesu, nk’uko Petero yabikoze, dushobora kubabarirwa. 2. Yesu ashaka ko twigisha abandi kandi tukabitaho nk’uko umushumba yita ku ntama ze. 	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Yohana 21:1-20</i></p> <p>Uw’ingenzi: <i>Yohana 21:15</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Yesu yiteguye kuduha itangira rishya. 2. N’ubwo duteshuka, Yesu ntareka kudukunda.
YITANGIRE	Petero arashaka kongera gutangira ubuzima bwe nyuma y’urupfu rwa Yesu. Asubiye iwabo no ku kazi yakoraga mbere maze aya kuroba mu Nyanja ya Galilaya.	Umwami Yesu yemeje ko ari muzima, abonekera abigishwa be inshuro zitandukanye nyuma yo kuzuka mu bapfuye. (1 Abakorinto 15:3-8)
YIRANGIZE	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Abigishwa barobye ijoro ryose ntibagira icyo bafata. Basubira ku nkombe, bananiwe, bashonje bafite ipfunwe. 2. Umwami Yesu abahamagara ari ku nkombe ariko ntibamumenya. Ababaza niba bafite ifi. 3. Bumvira itegeko maze bajugunya inshundura ku rundi ruhande rw’ubwato maze bafata amafi menshi. 4. Yohana abona ko ari Yesu maze Petero yoga amusanga. 5. Yesu abatamira kurya ibya mugitondo maze abaza Petero niba amukunda. 6. Petero asubiza ko amukunda maze Yesu amuha umurimo mushya wo kwita ku bamukurikira. (intama) 7. Muvuga ku mpamvu Yesu yamubajije icyo kibazo inshuro eshatu. 8. Tekereza ukuntu Umwami agomba kuba yarababariye Petero maze akamuha umurimo ukomeye gutyo. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzwa isomo 4 Yerekane: FBI – Yesu abonekera abigishwa muri Galilaya Yesu abaza Petero ibibazo (P)</p>	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Rimwe mu mabonekera yazutse ryabaye ku bigishwa barindwi bari bagiye kuroba ku Nyanja ya Galilaya. 2. Yabemeje uwo yari We abaha kufata amafi menshi. 3. Abigishwa basangiye ifunguro rya mu gitondo n’Umwami bari ku nkombe. 4. Umwami Yesu yashakaga kubona ko Petero yihanywe by’ukuri kubw’inshuro nyinshi yamwihakanye mu masaha ya nyuma y’ubuzima bwe. 5. Inshuro eshatu Petero yatangaje urukundo rwe ku Mwami ari imbere y’abandi. 6. Ubu Petero agomba kuba umwungeli uzita ku bakurikira Umwami mu Itorerero rishya. Yahawe amahirwe ya kabiri gukorera Umwami. 7. Muganire ukuntu Imana idukunda, n’ubwo twateshuka, ikaba ishaka ko tuyikunda. 8. Ibutsa abanyeshuli ko Imana idahinyuka na rimwe n’ubwo twe duhora duteshuka. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzwa inyigisho 4 Yerekane: FBI – Yesu abonekera abigishwa muri Galilaya Yesu abaza Petero ibibazo (P)</p>
YISUBIREMO	<ol style="list-style-type: none"> 1. Vuga uburyo bufatika wafata bwo kumva Yesu muri iki cyumweru. 2. Shaka Umukristo uzwi wize uko kumva Yesu maze agakora ugushaka kwe. 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Impaka z’ukuntu urukundo n’imbabazi z’Imana bishobora kututera umwete. 2. Shakashaka ubuzima bw’Umukristo w’ikirangirire Yesu yahaye gutangira bushya.
MUBIKORWA	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Reba ukuntu ari ingenzi kugaragaza urukundo rwacu ku Mwami ku byo yadukoreye byose. 2. Menya ko Umwami yiteguye kuduha ibirenze amahirwe amwe mu gihe tumweretse ukwihana k’ukuri. 	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni gute twashimira urukundo rw’Imana kuri twe? 2. Ni gute twakwerekana urukundo rw’Imana kuri twe mu bikorwa byacu?

	A5 – ICYICIRO 3 Isomo 1 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Petero abwiriza	A5 – ICYICIRO 4 Inyigisho 1 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Pantekote
	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Ibyakozwe 2:1-43</i></p> <p>Uw'ingenzi: <i>Ibyakozwe 1:8</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Umwuka Wera wahawe abakurikira Yesu nk'impano. 2. Ubutumwa bw'intumwa bwari ko tugomba kwihana no kwakira imbabazi z'Imana. 	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Ibyakozwe 2:1-42</i></p> <p>Uw'ingenzi: <i>Ibyakozwe 2:38</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Pantekote ari umunsi mukuru w'Abayuda wizihizwaga mu minsi mirongo itanu nyuma ya Pasika. 2. Nyuma y'inyigisho ya Petero, Itorero ryaravutse.
YITANGIRE	<p>Tekereza ukuntu abanyeshuli bumva bameze mu gihe habayeho impinduka ikomeye mu buzima bwabo. Bimukiye mu rindi shuli, bagiyeye kaba ahandi, impinduka mu by' umuryango. Sobanura ko habaye impinduka ku bigishwa ubwo Umwami Yesu yazamukaga mu ijuru, ariko bagombaga gukomeza umurimo We.</p>	<p>Tekereza kuba iminsi y'amavuko, ibiroro by'iminsi mikuru mu madini ari ingenzi mu miryango yose. Tekereza ku minsi imwe idasanzwe izaba mu kwezi gutaha. Abayuda bizihizaga Pantekote yabaga mu minsi mirongo itanu nyuma yo kunyurwaho ubwo bavaga muri Egiputa kugeza i igihe Mose yakiraga Amategeko ku Musozi Sinayi.</p>
YIRANGIZE	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Abigishwa bari bategereje ukuza kwa Mwuka Wera uwo Yesu yari yarabazzeranije. <i>(Ibyakozwe 1:8)</i> 2. Ku munsi wa Pantekote, Umwuka Wera arabamanukira nk'uko bivugwa mu mirongo 2-3. 3. Abigishwa batangira kuvuga mu zindi ndimi ku buryo abantu bavuye mu mahanga menshi baje i Yerusalemu mu munsi mukuru bashoboye kubumva. 4. Bamwe bavuze ko abigishwa bagomba kuba banyoye divayi nyinshi. 5. Petero arahaguruka asobanurira iyo mbaga ibyabaye. Ababwira ko ari ubuhanuzi bwa Yoweli bwasohoye kandi ko Umwuka Wera yaje. <i>(Yoweli 2:28-32)</i> 6. Aratinyuka ababwira ko ariko bishe Yesu ariko ko Imana yamuzuye mu bapfuye. 7. Abantu bagwa mu kantu maze babaza icyo bakora. 8. Petero ababwira kwihana no kubatizwa kandi kuri uwo munsi, abantu ibihumbi bitatu barizera baba abigishwa ba Yesu. <p>Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzwa isomo 1 Yerekane: FBI – Umunsi wa Pantekote (I)</p>	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Isezerano ry'Umwami Yesu ryari risohoye mu gihe abigishwa bakiraga Umwuka Wera mu buryo butangaje ku Munsi wa Pantekote. 2. Sobanura ibyabaye igihe Umwuka Wera yamanukaga. 3. Petero yavuze ko Abayuda ariko bishe Yesu, ariko ko Imana yamuzuye ikamuzamura mu ijuru none ubu akaba yohereje Umwuka Wera. 4. Abizeye bese uwo munsi babaye aba mbere bagize Itorero. Ryatangiyeye uwo munsi kandi rirakomeza kugeza uyu munsi. 5. vuga ku byabaye mu byukuri ku bantu bizeye. <i>(reba imirongo 38-39)</i> 6. Reba ibyo bakoze ngo berekane ko ubuzima bwabo bwahindutse. <i>(reba umurongo 42)</i> <p>Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzwa inyigisho 1 Yerekane: FBI – Umunsi wa Pantekote (I)</p>
YISUBIREMO	<ol style="list-style-type: none"> 1. Tekereza iby'ukuntu Umwuka Wera aduha imbaraga zo guhamya. 2. Muvuge ku kamaro ko kwamamaza Inkuru Nziza mu isi. 3. Muvuge mu itsinda uburyo abanyeshuli bashobora kuba abahamya muri iki cyumweru. 4. Shaka ishusho kwatura cyangwa kwihana byari bifite mu myaka myinshi ishize. 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Muvuge ku kamaro k'umurimo w'Umwuka Wera. 2. Muvuge ku nyungu zo guteranira hamwe mu busabane, nk'Itorero. 3. Shaka izina ry'Itorero ririmo kwihuta mu gukura maze uvuge ibiriranga.
MUBIKORWA	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Bivugwa iki kuba umuhamya? 2. Bivugwa iki kwihana? 	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kuki Pantekote ari ingenzi ku Itorero ubu ngubu? 2. Muvuge ku itandukaniro hagati yo kujya mu rusengero no kuba mu busabane bw'Itorero.

	A5 – ICYICIRO 3 Isomo 2 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Petero Akiza	A5 – ICYICIRO 4 Inyigisho 2 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Gukiza umuntu w'ikirema
	Gusoma Bibiliya: Ibyakozwe 3:1-16 Uw'ingenzi: Ibyakozwe 3:6 Tugiye kwiga ko: <ol style="list-style-type: none"> 1. Umwami Yesu afite ububasha bwo gukiza indwara n'ibyorezo. 2. Ashobora guhindura ubuzima bwacu iyo tumwiringiye. 	Gusoma Bibiliya: Ibyakozwe 3:1-26 Uw'ingenzi: Ibyakozwe 4:10 Tugiye kwiga ko: <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana idushyira mu mwanya ukwiriye mu gihe gikwiriye. 2. Ni imbaraga z'Imana zakijije umuntu w'ikirema ntabwo ari iz'abigishwa.
YITANGIRE	<p>Petero n'abandi bigishwa ntabwo bazibagirwa umugani Yesu yigishije ku byerekeye Umunyasamariya mwiza no kuba bakeneye 'gukunda bagenzi babo'. (Luka 10:25-37) Mu gihe babonye uwo muntu bamenye ko bagomba gukora icyo Yesu yari gukora.</p>	<p>Imwe mu nyigisho zikomeye z'Umwami Yesu yari iyo kwita ku bandi. Yakomezaga kwereka abigishwa be urukundo kuri buriwese, by'umwihariko ku bari mu bukene. Yavuze ko nagenda bazakora ibintu birengeje ibyo yakoze. (Yohana 14:12)</p>
YIRANGIZE	Vuga Inkuru yo muri Bibiliya Yivugeho kandi uyisobanure: <ol style="list-style-type: none"> 1. Petero na Yohana barimo bajya mu Rusengero gusenga. 2. Bahuye n'umuntu udashobora kugenda, uhereye akivuka, hashize imyaka mirongo ine. 3. Abasabye amafaranga, ariko Petero avuga ko afite ikiyaruta, ko ashobora gukora. 4. Afasha uwo muntu guhaguruka maze atangira gusimbuka, no kugenda ajya mu Rusengero ahimbaza Imana. icyo cyari igitangaza cya mbere mu Itorero ryambere. 5. Mu gihe imbaga iteranye, Petero asobanura ko atakijijwe n'imbaraga ze cyangwa iza petero ahubwo ko yakize mu izina rya Yesu abo bantu babambye. (reba umurongo 16) 6. Reba ko hibandwa ku kwizera k'uwu muntu mu murongo 16. <p>Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzwa isomo 2 Yerekane: FBI – Ikimuga gisabiriza kirakira (I)</p>	Vuga Inkuru yo muri Bibiliya Yivugeho kandi uyisobanure: <ol style="list-style-type: none"> 1. Bitatizwe nyuma ya Pantekote, Petero na Yohana bagiyeye gusenga mu Rusengero. 2. Ubwo babonye umuntu w'ikirema, bamenya icyo Umwami yari gukora. 3. Mu kwizera, Petero afasha uwo muntu guhaguruka. Ako kanya arakira maze abihamirisha kugenda asimbagurika ajya mu Rusengero ahimbaza Imana. 4. Ako kanya yari yakize rwose; nk'uko Yesu yakoze ibitangaza byinshi nk'icyo. 5. Imbaraga z'Umwami Yesu zagagaraga mu bigishwa be kubwo kuza kwa mwuka Wera. 6. Reba ingingo z'ingenzi z'icyigisho cya Petero, uko yasobanuraga uwo Yesu ari we n'ibyo ashobora gukora n'ubu! 7. Reba ukuntu Imana ishobora guha abigishwa be ububasha bwo gukiza. <p>Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzwa inyigisho 2 Yerekane: FBI – Ikimuga gisabiriza kirakira (I)</p>
YISUBIREMO	<ol style="list-style-type: none"> 1. Tekereza ku gitangaza cyo gukiza no kuba bose badakira. 2. Vuga ukuntu Abakristo bakeneye guhama bari iwabo (Yerusalemu yacu) mbere yo kujya ku mpera z'isi. 3. Shaka umukristo w'iki gihe waba warakize muburyo bw'igitangaza. 4. Vuga ku byo Yesu ashobora guhindura mu buzima bwacu mu gihe tumwiringiye. 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Muganire kukugira igihe cyo kuba hamwe na Yesu uko bishobora kugira ingaruka ku murimo wacu buri muni no guhama. 2. Gira igihe cyo gusenga hamwe n'abandi Bakristo usaba kukuzaza imbaraga za Yo no kuguha uburyo bwo kuyikorera. 3. Tekereza ku mpamvu Petero yahindutse cyane uhereye igihe yihakanaga Umwami.
MUBIKORWA	Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza: <ol style="list-style-type: none"> 1. Kuki utekereza ko Imana idakiza abantu bose? 2. Ni gute dushobora kwiringira Imana buri munsu. 	Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza: <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni gute umenya ko uri mu mwanya aho Imana ishaka ko uba? 2. Ni gute dushobora guhimbaza Imana ko yatubabariye icyaha cyacu igahindura ubuzima bwacu?

	A5 – ICYICIRO 3 Isomo 3 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Petero ahama	A5 – ICYICIRO 4 Inyigisho 3 – Ubuzima bwa Petero Icyigwa – Imbere y’Urukiko rukuru
	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Ibyakozwe 4:1-22</i></p> <p>Uw’ingenzi: <i>Ibyakozwe 4:12</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Umwuka Wera yakoze impinduka ikomeye mu buzima bwa Petero. 2. Abakristo bagomba kukomera k’Umwami. 	<p>Gusoma Bibiliya: <i>Ibyakozwe 4:1-31</i></p> <p>Uw’ingenzi: <i>Ibyakozwe 4:13</i></p> <p>Tugiye kwiga ko:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Imana yahaye Petero ubushizibw’amanga n’imbaraga zo guhamiriza abatware b’idini. 2. Abizera bagomba kuba biteguye kubwira abandi ibya Yesu icyo byasaba cyose.
YITANGIRE	<p>Subiramo ibyabaye mu nyigisho iherutse. Ibutsa abanyeshuli ko mu bihugu bimwe, niba ufite imyifatire y’Umwami Yesu, bishobora ku kuviramo gutotezwa cyangwa ndetse no gushyirwa mu nzu y’imbohe. Hano Petero na Yohana bahanganye n’itotezwa riturutse ku bakuru b’idini.</p>	<p>Petero yongeye gutanga icyigisho gikomeye. (igice 3) Umubare w’abigisha wari hafi 5,000. (umurongo 4) Abatware b’idini batekerezeza ko kuba Umwami yarabambwe byari kurangiraho ku bamukurikira. Ariko ubu bari barushijeho kuba benshi!</p>
YIRANGIZE	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Abakuru b’idini bumvise ubutumwa bwa Petero maze birabarakaza kuko kwigisha abantu wari umurimo wabo, kandi nanone kuko Petero yigishaga ko Umwami Yesu ari muzima. 2. Petero na Yohana barafashwe bashyirwa mu nzu y’imbohe. 3. Umunsi ukurikiyeho bagomba kwitaba urukiko rukuru, nk’uko na Yesu byamugendekeye. 4. Bashakaga kumenya ibaraga Petero yakoresheje ngo atume wa muntu agenda. 5. Petero yababwiye ko ari imbaraga zo mu izina rya Yesu. (Umurongo 10) 6. Abayobozi b’idini batangazwa n’ubushizi bw’amanga bwa Petero na Yohana. 7. Bababwira kureka kwigisha ibya Yesu. 8. Petero ababwira ko bagomba kumvira Imana kurusha kubumvira. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzwa isomo 3 Yerekane: FBI – Petero na Yohana bafatwa (I)</p>	<p>Vuga Inkuru yo muri Bibiliya</p> <p>Yivugeho kandi uyisobanure:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Petero na Yohana barafatwa. 2. Reba Sanhedrin(Inama nkuru y’Abayuda) 3. Petero abwira Inama Nkuru y’Abayuda ko ari ububasha bwa Yesu bwakijije uwo muntu, maze asobanura ko ari we Mukiza wenyine. (Umurongo 12) 4. Inama Nkuru y’Abayuda batangazwa n’ubutwari bwa Petero na Yohana maze babona biterwa n’uko babanye na Yesu. 5. Bababwira kutongera kwigisha mu izina rya Yesu. Ariko Petero ababwira ko kumvira Imana kurusha kumvira Inama Nkuru y’Abayuda. 6. Petero na Yohana basubira hamwe n’abantu babo maze barasenga kugira ngo bashobore kuvuga ubutumwa bashize amanga. Reba ukuntu amashyamba yabo yasubijwe mu buryo bw’imbaraga nyinshi. <p>Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga. Kuzuzwa inyigisho 3 Yerekane: FBI – Petero na Yohana bafatwa (I)</p>
YISUBIREMO	<ol style="list-style-type: none"> 1. Vuga muri make ingingo z’ingenzi zo kwizera Gikristo zigomba kuba urufatiro. Wibuke ko Umwami Yesu agomba kuba urufatiro rwo kwizera k’uwizera. (Wite ku murongo 12) 2. Shaka ku birangirire by’Abakristo ‘bahagaze gitwari’ ku kwizera kwabo urugero Eric Liddell. 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Vuga k’ukuntu washira amanga mu kwizera no guhama. 2. Shakashaka umurimo w’Inzugi Zifunguye cyangwa Ibyiringiro bya Barinabasi ngo ubonemo ukuntu Abakristo bashobora kunesha mu gihe cy’itotezwa.
MUBIKORWA	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni iki kitubuza kubwira abandi ibya Yesu? 2. Bisobanura iki k’uwizera kubaba ‘ibuye rizima’? (1 Petero 2:4 & 5) 	<p>Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Ni gute twakwishyikiriza k’Umwuka Wera mu kudufasha guhama? 2. Ni gute ibibangamira ubutumwa bwiza bifasha kwizera kwacu gukura?

A5 – ICYICIRO 3
Isomo 4 – Ubuzima bwa Petero
Icyigwa – Petero mu nzu y'imbohe

A5 – ICYICIRO 4
Inyigisho 4 – Ubuzima bwa Petero
Icyigwa – Mu nzu y'imbohe

Gusoma Bibiliya: Ibyakozwe 2:1-19

Uw'ingenzi: 1 Yohana 5:14

Tugiye kwiga ko:

1. Gutotezwa ari ikintu gishobora kugera ku bwoko bw'Imana.
2. Bibiliya yigisha ko Imana idukunda kandi izi ibyiza cyane bidukwiriye.

Gusoma Bibiliya: Ibyakozwe 12:1-19

Uw'ingenzi: 1 Yohana 5:5

Tugiye kwiga ko:

1. Ni ngombwa kwiringira Imana nk'uko Petero yabikoze, n'ubwo twaba turi mu bikomeye.
2. Imana ishobora gukora ibidashoboka ariko ireka ibishoboka tukabikora.

YITANGIRE

Umwami Yesu yavuze ko uko isi yamwanze, ari nako izanga intumwa na b'ubwoko bwe bose. (**Yohana 15:18**). Mu ntangiriro y'ubuzima bwe Yesu yari agiye kwicwa n'Umwami Herode. None umwuzukuru we, nawe witwa Herode arashaka kubikora no kuri Petero.

Nanone Petero ari mu nzu y'imbohe bitewe no kwizera kwe no kwigisha kwe. Agomba kuba yari afite ukwizera gukomeye kuba yarahise asinzira ari muri gereza, ijoro ryabanjirije urubanza rwe. Ese Petero yamenye ukuri kw'amagambo yaje kwandika nyuma? (**1 Petero 5:7**)

YIRANGIZE

Vuga Inkuru yo muri Bibiliya

Yivugeho kandi uyisobanure:

1. Umwami Herode yari yarishe Yakobo maze abonye ko byashimishije Abayuda afata Petero.
2. Petero yongeye kujya mu nzu y'imbohe, ategereje kucirwa urubanza mu maso ya rubanda.
3. Itorero riteranira hamwe ngo risenge.
4. Mu ijoro mbere y'uko acirwa urubanza, malayika acikisha Petero amukura mu nzu y'imbohe.
5. Ajya mu rugo aho incuti ze zarimo gusenga.
6. Umukobwa w'umuja wakinguye urugi ababwira ko Petero aje, ariko ntiyagira uwemera ibyo avuze.
7. Baje kubona ko Imana yasubije amasengesho yabo.
8. Reba akamaro k'ubusabane bw'ukuri hagati y'abizera.
9. Tekereza ku kuntu tugomba gusenga ubudasiba, twiringira ko Imana izadusubiza kandi tukemera ubushake bwayo ku buzima bwacu.

Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga.

Kuzuzanya isomo 4

Yerekane: FBI – Igitangazo cyo gucika inzu y'imbohe kwa Petero (I)

Vuga Inkuru yo muri Bibiliya

Yivugeho kandi uyisobanure:

1. Itorero ryitaye ku bya Petero maze riramusengera.
2. Petero yari arinzwe n'abasirikare 16 ahambiranywe na babiri muri bo.
3. Umumalayika aramubonekera, akangura Petero, maze amubohora iminyururu amusohora muri gereza. Petero abohorwa mu buryo bw'igitangaza.
4. Petero amenya ko yari Umwami wamukijije.
5. Asanga Itorero ririmo gusenga ariko batizewe ko mu by'ukuri Imana ishobora gukora ibidashoboka nk'ibyo.
6. Mu by'ukuri Imana yari ifite undi murimo wo gukora kuri Petero. Ntabwo igihe cyari cyagera ko Petero apfa bityo Imana irategeka.

Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga.

Kuzuzanya inyigisho 4

Yerekane: FBI – Igitangazo cyo gucika inzu y'imbohe kwa Petero (I)

YISUBIREMO

1. Muvuge impamvu bigora Abakristo gusenga ubudasiba.
2. Muvuge ku gihe wamenye ko utari mu bushake bw'Imana.
3. Shaka imirongo ibiri ya Bibiliya ijyanye n'ubuyobozi bw'Imana maze uyigeze ku itsinda.

1. Tekereza ku kamaro ko gusenga Imana mu bihe bigoye.
2. Reba ukuntu dushobora gusenga twizera kandi twiringira ko Imana idusubiza.
3. Baza inshuti magara / urugero uwo mufitanye isano ukuntu Imana yasubije ugusenga kwabo maze mubiganire n'abandi.

MUBIKORWA

Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:

1. Kuki inzira z'Imana rimwe na rimwe zitubera amayobera (bamwe barakira abandi ntibakire)?
2. Ni gute twamenya ubushake bw'Imana ku buzima bwacu?

Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:

1. Kuki akenshi dushidikanya ko Imana izasubiza amasengesho yacu mu buryo twayisabye?
2. Ni mu buhe buryo tumenya ko ububasha bw'Imana buruta ubwacu?

A6 – ICYICIRO 3
Isomo 1 – Ingendo za Aburahamu
Icyigwa – Kwiringira Imana

Gusoma Bibiliya: Itangiro 12:1-9

Uw'ingenzi: Abaheburayo 11:8

Tugiye kwiga ko:

1. Aburamu yari umuntu ufite kwizera: Yiringiye Imana n'ubwo atari azi aho Imana imwerekereza.
2. Mu gihe Imana iduhamagaye, nk'uko yabikoreye Aburamu, dukeneye kuyiringira, kuyikurikira no kuyumvira.

A6 – ICYICIRO 4
Inyigisho 1– ingendo za Aburahamu
Icyigwa – Umuhamagaro we

Gusoma Bibiliya: Itangiro 11:27-32; 12:1-9

Uw'ingenzi: byakozwe 7:2-4

Tugiye kwiga ko:

1. Aburamu yari umuntu ufite kwizera: Yiringiye Imana n'ubwo Atari azi aho Imana imuyobora.
2. Mu gihe Imana iduhamagaye, nk'uko yabigize kuri Aburamu, dukeneye kuyiringira, kuyikurikira no kuyumvira. Koko, tugomba kuyiha ubugingo bwacu.

YITANGIRE

- Baza itsinda niba barigeze kwimukira mu ishuli rishya. Ni iki ibyo byabasabye? (Mwavuga ku byo imikorere mishya, kwitegura ingendo, gushaka inshuti nshya, no guhura n'abarimu bashya).
- Baza niba hari uwo muri bo wimutse mu nzu. Ni ibiki yahuye na byo? Kuri Aburamu n'umuryango we, hari ibyari bibategereje harimo ururimi rushya, ibyo kurya, imiterere y'ikirere n'ibihe, imico, kuba kure y'inshuti n'ab'iwabo.

Ikiganiro cy'urugendo. Bwira itsinda gutekereza ko bagiye kujya mu rugendo rurerure mu gihugu batigeze bageramo mbere, kandi ko ari ukujya kuhatura. Ibyo byabamerera gute? (kuri Aburamu n'umuryango we uko byabamereye harimo kugorwa n'ururimi rushya, ibiryo, imiterere y'igihe n'imico, no kuba bari kure y'iwabo n'inshuti zabo).

Andika amagambo akurikira buri wese ku mpapuro za A4: KUTABIMENYA;KUGIRA UBWOBA; KUBYISHIMIRA; KUDATUZA; GUSUNIKWA. Manika izo mpapuro ku bice bitandukanye by'inkuta z'icyumba. Saba abanyeshuli kwerekeza ku rupapuro hariho ijamba rivuga neza uko Byatuma biyumva. Ubundi muvuge mu guhitamo kwabo; kuki bakwiyumva gutyo?

YIRANGIZE

Vuga Inkuru yo muri Bibiliya

Yivugeho kandi uyisobanure:

1. Imana yabwiye Aburamu kujyana n'umuryango we mu kindi gihugu, icyo izamwerekereza. ibi ntabwo byari byoroshye. Ingendo mu gihe cya Aburamu zari zigoye kandi ari ukugenda buhoro. kandi yari afite ibintu byinshi byo kujyana n'abantu bajyana nawe.
2. Imana iha Aburamu isezerano ridasanzwe ry'umugisha no kumuhindura ubwoko bukomeye. Muri ubwo bwoko bukomeye ni mo abandi bantu bose bo mu isi bazabonera umugisha.
3. Aburamu afata mubyara we Loti barajyana we na Sarayi umugore we. Bajyana n'ubutunzi bwabo bwose. Aburamu yari afite imyaka 75!
4. Bamaze kugenda igihe gito, Uwituka abonekera Aburamu ahantu hitwa Shekemu. Abwira Aburamu ko icyo gihugu azagihira umuryango we.
5. Aburamu yubaka igicaniro aramya Uwituka. Akomeza urugendo agera mu misozi hagati ya Beteli na Ayi ahashingira ihema rye. Nanone yuba igicaniro cyo kuramya Uwituka. Kuva aho akomeza agana mu butayu bwa Negevu.

Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga.

Kuzuzza isomo 1

Yerekane: FBI – Aburamu aya i Kanani (I)

Vuga Inkuru yo muri Bibiliya

Yivugeho kandi uyisobanure:

1. Imana yavuganye na Aburamu imubwira kujyana n'umuryango we mu kindi gihugu. Ibi ntabwo byari byoroshye. Ingendo zo mu gihe cya Aburamu zari zigoye kandi ari ukugenda buhoro. Yari afite kandi ibintu byinshi byo gutegura no kugena abantu bo kujyana na we.
2. Imana yahaye Aburamu isezerano ry'umugisha ridasanzwe no kumugira ubwoko bukomeye. Muri ubwo bwoko bukomeye abantu bose bo ku isi nabo bakazahererwamo umugisha.
3. Aburamu ajyana na mubyara we Loti n'umugore we Sarayi. Bajyana n'ubutunzi bwabo bwose. Aburamu yari afite imyaka 75!
4. Nyuma y'igihe gito bagiye, Uwituka abonekera Aburamu ahantu hitwa shekemu. Abwira Aburamu ko azaha umuryango we icyo gihugu.
5. Aburamu yubaka igicaniro maze aramya Uwituka. Akomeza kujya ahandi hagati y'imisozi ya Beteli na Ayi maze ashingira ihema rye. Nanone yubaka igicaniro aramya Uwituka. Uhereye aho akomeza urugendo agana mu butayu bwa Negevu.

Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga.

Kuzuzza inyigisho 1

Yerekane: FBI – Aburamu aya i Kanani (I)

YISUBIREMO

Shushanya ikarita y'urugendo rwa Aburamu kuva Harani kugera Beteli maze ushyiraho amazina y'ahantu havugwa muri iyi nkuru. Witondere kwandikamo igiti kinini cya Mamure n'ibicaniro bibiri Aburamu yubatswe ngo aramya Imana.

Kora urutonde rwa za ntera dushobora gukoresha tuvuga imyifatire ya Aburamu ku muhamagaro w'Imana ngo aje mu kindi gihugu, ushingiyeye ku byo twize muri Bibiliya uyu muni.

MUBIKORWA

Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:

1. Aburamu yumvira Imana mu gihe yamusabaga gutegura urugendo rwe, n'ubwo bitari ibintu byoroshye. Ibyo bitwerekereza iki ku miterere ye?
2. Ni gute ukwizera Imana kwacu gukora ku myifatire yacu ya buri muni, ndetse no bihe tudasobanukiwene neza?

Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:

1. Muganire babiri babiri cyangwa mu matsinda ya 3: Aburamu yumvira Imana. Ibyo bitwigisha iki ku buryo Aburamu yabonaga Imana?
2. Tekereza ahantu kumvira Imana bishobora kuba bigoye. Ni iki inkuru ya Aburamu itwigisha ku kuntu tukwiye kwifata, ndetse n'ubwo twaba tutiyizeye, dufite impungenge cyangwa dufite ubwoba?

A6 – ICYICIRO 3
Isomo 2 – Ingendo za Aburahamu
Icyigwa –Amahitamo

A6 – ICYICIRO 4
Inyigisho 2 – Ingendo za Aburahamu
Icyigwa – Uguhitamo kwe

Gusoma Bibiliya: Itangiriro 13:1-18

Uw'ingenzi: Imigani 3:5 & 6

Tugiye kwiga ko:

1. Ari ngombwa gufata icyemezo byiza mu buzima bwacu.
2. Tukwiye gusaba Imana kudufasha gufata icyemezo giye dukwiye kuyisabakutuyobora. Twibuke kandi gushimira Imana no kuyirama.

Gusoma Bibiliya: Itangiriro 13:1-18; 14:1-16

Uw'ingenzi: Yosua 24:15

Tugiye kwiga ko:

1. Aburamu yashatse ubuyobozi n'ubufasha bw'Imana, maze ashima Imana.
2. Tugomba kwemera Imana muri byose dukora, tugashaka ubufasha n'ubuyobozi bwayo maze tukayihimbaza tuyiha icyubairo ku bw'imigisha yayo mu buzima bwacu.

YITANGIRE

- Twese duhitamo tukanafata icyemezo buri muni. Bwira itsinda gutanga ingero z'ibyemezo byoroheje bya buri muni n'ibindi bikomeye byo guhindura ubuzima. Bishyire ku ntonde ebyiri kurupapuro.
- Ha buri wese urupapuro. Ku ruhande rumwe bashushanyeho ishusho yerekana icyemezo cyoroheje baheretse gufata. Ku rundi ruhande bashushanyeho ishusho yerekana ibyiringiro, inzongi, cyangwa icyo bagamije kugeraho mu minsi iri imbere. Mu matsinda mato bashobora kubwirana no kuvuga ku bishushanyo byabo. Sobanura ko twese duhitamo tukanafata icyemezo kandi ko dukeneye gufashwa no kuyoborwa muri ibi. Dushobora kwiringira Imana ko yatuyobora mu byemezo byacu n'amahitamo.

Gukorera Iman ni uguhitamo.
Ni irihe tandukanire dushobora kubona mu mibereho y'abantu bahisemo gukorera Imana?
Kora urutonde rwabyo ku gipapuro kinini maze ubitekerezeho mu gihe twiga ku buzima bwa Aburamu muri iyi nyigisho.

YIRANGIZE

Vuga Inkuru yo muri Bibiliya

Yivugeho kandi uyisobanure:

1. Aburamu yasubiye inyuma aho yari yaracumbitse mbere, hagati ya Beteli na Ayi. Aho yari yarubatse igicaniro ku Uwiteka, maze ajya gusenga, yambaza izina ry'Uwiteka.
2. Aburamu yagombaga gufata icyemezo. Hari abantu benshi batuye muri icyo gihugu kandi bari gutera amahane. Nta cyumba buri umwe yari afite, bityo igihe cyari kigeze ko we na mubyara we Loti batandukana bagatura mu duce dutandukanye.
3. Aburamu aha Loti amahirwe yo guhitamo agace k'igihugu ashaka guturamo.
4. Loti ahitamo ahantu hera, mu kibaya kirimo amazi cy'umugezi wa Yorodani afata icyemezo cyo gutura hafi y'imigi.
5. Aburamu yabaga mu gihugu cy' i Kanani.
6. Loti amaze kugenda Uwiteka abwira Aburamu kandi amuha isezerano ry'igihugu cyose ashobora kureba mu mpande zose: amajyaruguru, amajyepfo, iburasirazuba n'iburengerazuba.
7. Imana isezeranya Aburamu ko azagira abana benshi kandi ko icyo gihugu kizaba icyabo.
8. Aburamu aguma kuba hafi y'igiti kinini cya Mamure, i Heburoni. Yubaka igicaniro cyo kurama Uwiteka.

Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga.

Kuzuzwa isomo 2

Yerekane: FBI – Aburamu na Loti batandukana (I)

Vuga Inkuru yo muri Bibiliya

Yivugeho kandi uyisobanure:

1. Aburamu yagombaga gufata icyemezo. Hari abantu benshi babaga mu gihugu kandi batonganiraga urwuri rw'amatungo yabo. Cyari igihe kuri Aburamu cyo gutandukana na mubyara we Loti ngo ajye ahandi.
2. Aburamu aha Loti umwanya wo guhitamo agace ashaka kuba mo.
3. Loti ahitamo ahera, mu kibaya cy'uruzi Yorodani kandi yiyemeza gutura hafi y'imiji.
4. Aburamu yabaga mu gihugu cya Kanani.
5. Loti amaze kugenda, Uwiteka abwira Aburamu maze amusezeranya igihugu cyose ashobora kureba mu byerekezo byose. Imana isezeranya Aburamu kuzagira abana benshi kandi n'igihugu kikaba icyabo.
6. Aburamu atura hafi y'igiti kinini cya Mamure, ahubaka igicaniro cyo kurama Uwiteka.
7. Aburamu yari mu gihe cy'amakimbirane. Abanzi ba Sodoma, aho Loti yabaga bateye uwo murwa maze bafata Loti hamwe n'abandi n'ubutunzi bwabo
8. Mu gihe Aburamu yumvise ibi ajyana n'ingabo ze gutera umwami no kubohozwa abanyazwe. Aburamu atsinda ababisha. Ntiyemera guhembwa ikintu na gito n'Umwami wa Sodoma, kuko Imana ari yo yari yamuhaye kunyuma abanzi be.

Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga.

Kuzuzwa inyigisho 2

Yerekane: FBI – Aburamu na Loti batandukana (I)

YISUBIREMO

Mukore ikinyamakuru gitanga muri rusange raporo ivuga ku nkuru mwize mu nyigisho yuyu muni. Inkuru igomba igizwe n'iby'ingenzi byo mu nkuru. Iki gikorwa cyarangirizwa mu matsinda mato cyangwa hagati ya babiri babiri. Inkuru zose zikagaragazwa zikavugwaho.

Soma Umurongo w'ingenzi **Yosua 24:15**. Uherereye ku cyo wize muri iyi nyigisho, ni gute Aburamu yerekanye ko ari umugaragu w'Uwiteka?
Subira mu rutonde rw'ibiranga abagaragu b'Imana rwakozwe mu itangiriro ry'inyigisho. Ese hari icyo ushaka kongeraho ubu cyangwa guhindura? Ni irihe tandukaniro gukorera Uwiteka byakora mu buzima bwacu uyu muni?

MUBIKORWA

Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:

Aburamu mu guhitamo kwe no gufata icyemezo yabishyizemo Imana maze imuha umugisha. tekereza ku kuyoborwa n'Imana mu gihe cyo gufata icyemezo bikomeye mu buzima bwawe.

Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:

Tanga kuri buri munyeshuli urupapuro rutanditseho. Babwire batekereze uburyo bumwe bashobora kurushaho gukorera Imana mu budahemuka. Bashobora kwandika buri wese isengesho akaritahana ngo rijye rimwibutsa inyigisho.

A6 – ICYICIRO 3
Isomo 3 – Ingendo za Aburrahamu
Icyigwa – Amasezerano y’Imana

Gusoma Bibiliya: Itangiriro 17:1-8; 18:1-15; 21:1-5

Uw’ingenzi: Matayo 1:21

Tugiye kwiga ko:

1. N’ubwo Aburamu yagerageje gukora ibintu mu buryo bwe, Imana Itamutereranye.
2. Imana yahamije isezerano yahaye Aburamu ko azaba sekuruza w’amahanga menshi. Uwo mugisha ntibivugaga uwa Aburamu gusa, ahubwo ni n’uwa abantu mu mateka.
3. Rimwe na rimwe dushobora gushidikanya ku masezerano y’Imana kuko asa nk’aho bitakwemerwa. Maze tukagerageza gukora mu buryo bwacu. Iyi nyigisho iduhatira kwizera amasezerano y’Imana no gutegereza gusohora kwayo.

A6 – ICYICIRO 4
Inyigisho 3 – Ingendo za Aburrahamu
Icyigwa – Ukwiriyizera kwe

Gusoma Bibiliya: Itangiriro 15:1-7; 17:1-19; 18:1-15

Uw’ingenzi: Itangiriro 18:14

Tugiye kwiga ko:

1. Imana yasezeranije Aburamu ko azabyara umwana azaraga ibye. Aburamu yizera Imana, ariko we umugore we bari bashaje kandi batarigera babyara abana. Bagerageza gukora ibintu mu buryo bwabo.
2. Imana ntiyaretse Aburamu na Sarayi. Imana ikomeza isezerano ryayo ko Aburamu azaba sekuruza w’amahanga menshi. Byasobanuraga umugisha Atari kuri Aburamu gusa ahubwo ari no ku bantu benshi mu mateka.
3. Rimwe na rimwe dushobora gushidikanya ku masezerano y’Imana kuko dusa nk’ababona ko bidashoboka. Tukagerageza gukora ibintu mu buryo bwacu. Iyi nyigisho iduhatira kwizera amasezerano y’Imana no gutegereza gusohora kwayo.

YITANGIRE

Baza itsinda niba barigeze batanga isezerano. Haba hari uwagiriye isezerano undi mu itsinda? Andika urutonde rwabo ku gipapuro kinini. Rimwe na rimwe abantu ntibakomeza amasezerano. Ni iyihe mpamvu? (Mubivugeho mu itsinda) Iyi nyigisho itwigisha ko Imana ikomeza amasezerano ya Yo, n’ubwo byaba bisa nk’aho itazabikora.

Ku kibaho, kora urutonde rw’amasezerano abantu bakora muri iki gihe (gutera igikumwe cyo gushyingirwa, gurahira gisirikare, amasezerano mu mategeko, amasezerano y’ubugure, n’ibindi.) muvuge kuho bigera mugukomezwa kwa masezerano no mukwicwa kwayo. Inyigisho Uyu munsu itwigishije ko Imana ikomeza amasezerano ya Yo.

YIRANGIZE

Vuga Inkuru yo muri Bibiliya

Yivugeho kandi uyisobanure:

1. Imana yasezeranije Aburamu kuzagira abana benshi.
2. Aburamu n’umugore Sarayi bari bashaje maze bagerageza kubyikorera.
3. Imana ntiyishe isazerano rya Yo. ahubwo yongeye kurishimangira kuri Aburamu na Sarayi. Ibaha amazina mashya nk’ikimenyetso cy’iryo sezerano – bazitwa Aburrahamu na Sara.
4. Imana ibwira Aburrahamu ko azaba sekuruza w’amahanga menshi. Isezeranya guha igihugu Aburrahamu n’abazamukomokaho, kandi ko izaba Imana yabo.
5. Abantu batatu baza kumusura. Aburrahamu abagirira neza.
6. Uwiteka abwira Aburrahamu ko azabyara umwana w’umuhungu mu mwaka utaha. Sara araseka abyumvise, kuko we na Aburrahamu bari bashaje rwose ku buryo batabyara umwana.
7. Imana ikomeza isezerano ryayo, maze Sara abyara umuhungu,
8. Aburrahamu na Sara bita umuhungu wabo Isaka, bisobanura “useka” kuko Uwiteka yari asohoje isezerano ritakwiringirwa kuri bo, maze akaba azanye ibyishimo byinshi mu busaza bwabo.

Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga.

Kuzuzisa isomo 3

Yerekane: FBI – Aburrahamu n’abantubatu batatu (I)

Vuga Inkuru yo muri Bibiliya

Yivugeho kandi uyisobanure:

1. Imana yasezeranije Aburamu kuzagira abana benshi.
2. Aburamu n’umugore we Sarayi bari bashaje bagerageza gukora ibintu mu buryo bwabo.
3. Imana ntabwo yabaretse. Ikomeza rya sezerano. Imana iha Aburamu na Sarayi amazina mashya. Ubu bazitwa Aburrahamu na Sara, nk’urwibutso rw’isezerano rya Yo.
4. Imana ibwira Aburrahamu ko azaba sekuruza w’amahanga menshi. Isezeranya guha igihugu Aburrahamu n’abazamukomokaho, kandi ko izaba Imana yabo.
5. Abagabo batatu baza kumusura, maze Aburrahamu aba umugwaneza kuri bo,
6. Uwiteka abwira Aburrahamu ko Sara azabyara umuhungu mu mwaka utaha. Sara araseka, kuko we na Aburrahamu bari bashaje kuburyo batabyara.
7. Imana ikomeza isezerano ryayo, maze Sara abyara umuhungu!
8. Aburrahamu na Sara bita umuhungu wabo Isaka, bivugaga ngo “useka” kuko Uwiteka yari yasohoje isezerano ritumvikana kuri bo, maze bibatera ibyishimo byinshi mu busaza bwabo.

Sobanura Umurongo w’ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga.

Kuzuzisa inyigisho 3

Yerekane: FBI – Aburrahamu n’abantubatu batatu (I)

YISUBIREMO

Soma umurongo w’ingenzi. Koresha ikibazo cyumvikanamo ngo ukore bookmark. Buri gihe urebyeho, uyje wibuka ko Imana ikomeza amasezerano yayo, n’ubwo byaba bisa nk’ibidashoboka kuri twe.

Mu matsinda mato: Ni iki twiga kuri kamere z’Imana, kuri Aburrahamu na Sara muri iyi nyigisho? Abanyeshuli bakwandika ibitekerezo byabo ku gapapuro maze bakabiganiraho mu itsinda ryose.

MUBIKORWA

Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:

1. Ese wiringiye Imana?
2. Wemera amasezerano yatanze mu Ijambo rya Yo?
3. Ni gute iyi nyigisho yaba yagukomeje mu kwizera Imana?

Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:

1. Mbese mu buzima bwawe hari ibintu utekereza ko bikomeye ku Imana?
2. Ni iki wize muri iyi nyigisho kigutera umwete wo kwiringira Imana muri buri gice cy’ubuzima bwawe?

A6 – ICYICIRO 3
Isomo 4 – Ingendo za Aburahamu
Icyigwa – Ikigeragezo cy'urukundo

Gusoma Bibiliya: Itangiro 22:1-14

Uw'ingenzi: Yohana 1:29

Tugiye kwiga ko:

1. Imana yagerageje Aburahamu. Yasabye Aburahamu kuyitambira umwana we w'ikinege. Aburahamu yumvira Imana maze arayingira rwose.
2. Imana ni Utanga ukomeye: yatanze igitambo mu mwana wa Isaka.
3. Imana yatanze Umwami Yesu kujya mu mwana wacu no gupfa nk'igitambo gikuraho icyaha cyacu.

A6 – ICYICIRO 4
Inyigisho 4 – ingendo za Aburahamu
Icyigwa – Ibyamukomeye

Gusoma Bibiliya: Itangiro 22:1-19

Uw'ingenzi: Abaheburayo 11:17-19

Tugiye kwiga ko:

1. Imana yagerageje Aburahamu. Mu gihe Imana yasabaga Aburahamu kuyitambira umwana we w'ikinege, Aburahamu yumvira Imana maze yiringira muri Yo rwose.
2. Imana iratanga bikomeye. Yatanze igitambo mu mwana wa Isaka.
3. Imana yari izi ko Aburahamu agomba kumvira, kandi ko yari yiteguye kuyiha ikintu cyose, bityo Imana yongera kwemeza isezzerano ryayo.
4. Imana yatanze Umwami Yesu ngo ajye mu mwana wacu apfe nk'igitambo gikuraho icyaha cyacu.

YITANGIRE

Rimwe na rimwe dukoresha isuzuma ngo tumenye iby'abantu. Kora urutonde rw'ubwoko bw'ibizamini (isuzuma) abantu bagomba gukora (ikizamini cyo gutwara ikinyabiziga, ibizamini by'ishuli, ibizamini mu muzika, ibizamini byo kureba no kumva, n'ibindi.) Iryo suzuma ryerekana ikintu ku bumenyi bw'abantu, imyumvire, ubushobozi n'imyifatire. Muri iyi nkuru, Imana yakoresheje isuzuma ngo imenye niba Aburahamu yarayingiraga by'ukuri.

Ese hari ikintu cyangwa se umuntu, wowe utabaho bidahari? Kuri Aburahamu, umuhungu we Isaka agomba kuba yari umwe muri abo bantu. Aburahamu yari yarategereje igihe kirekire ngo abone Isaka. Ni gute Aburahamu yaba yariyumvise mu gihe yagombaga kubura Isaka?

YIRANGIZE

Vuga Inkuru yo muri Bibiliya

Yivugeho kandi uyisobanure:

1. Imana yasabye Aburahamu gutamba, Isaka umwana we w'ikinege, uwo Imana yari yaramusezeranije. Ngo abe ituro rikongorwa n'umuriro
2. Aburahamu yumvira amabwiriza y'Imana. Aburahamu agenda iminsi itatau ngo agere ahantu Imana yari yamubwiye kujya.
3. Mu gihe Isaka yabazaga Aburahamu aho igitambo kiri, Aburahamu asubiza ko Imana iri bwibonere igitambo ubwayo. Ibyo byerekana ko Aburahamu yari afite ukwizera gukomeye mu Mana.
4. Aburahamu yumviraga Imana byuzuye. Yari yiteguye guha Imana byose no gutamba umuhungu we w'agaciro.
5. Imana ihamagara Aburahamu imubwira kutababaza umuhungu we Isaka.
6. Koko Imana yatanze igitambo mu mwana wa Isaka: isekurume y'intama.
7. Imana ishimangira isezzerano ryayo kuri Aburahamu ko azagira urubyaro rwinshi atashobora kubara. Imusezeranya kandi ko muri bo izaha umugisha amahanga yose yo mu isi.
8. Imana yohereje Umwana wayo w'ikinege kujya mu mwana wacu "nk'Umwana w'Intama w'Imana". Mu Mwami Yesu, Imana iduha umugisha w'agakiza mu gihe tu mwiringiye.

Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga.

Kuzaza isomo 4

Yerekane: FBI – Aburahamu na Isaka (I)

Vuga Inkuru yo muri Bibiliya

Yivugeho kandi uyisobanure:

1. Imana yasabye Aburahamu gutanga nk'igitambo gikongorwa n'umuriro umuhungu we w'ikinege Isaka, uwo Imana yari yaramusezeranije.
2. Aburahamu yumvira amabwiriza y'Imana. Aburahamu agenda iminsi itatu kugira ngo agere aho Imana yamusabye kujya.
3. Mu gihe Isaka yabazaga Aburahamu aho igitambo kiri, Aburahamu yasubije ko Imana iri bukibonere ubwayo. Ibyo byerekana ko Aburahamu yari afite ukwizera gukomeye mu Mana.
4. Aburahamu yumviraga byuzuye Imana. Yari yiteguye gutanga byose ku Mana no gutamba umuhungu we w'agaciro.
5. Imana ihamagara Aburahamu imubwira kutababaza umuhungu we Isaka.
6. Imana koko yari yatanze igitambo mu mwana wa Isaka: isekurume y'intama.
7. Imana ihamya isezzerano ryayo kuri Aburahamu ko azagira urubyaro rwinshi kandi ko bazaba abatabarika.
8. Imana yohereje Umwana wayo w'ikinege mu mwana wacu kuba "Umwana w'Intama w'Imana". Mu Mwami Yesu Imana iduha umugisha n'agakiza mu gihe tu mwiringiye.

Sobanura Umurongo w'ingenzi maze ushishikarize abanyeshuli kuwiga.

Kuzaza inyigisho 4

Yerekane: FBI – Aburahamu na Isaka (I)

YISUBIREMO

Umurongo w'ingenzi utwigisha ko Umwami Yesu ari igitambo gitunganye, Umwana w'Intama w'Imana, ukuraho icyaha cy'abari mu isi. Waba warashyize ibyiringiro mu Mana maze wemera Umwami Yesu kukubera Umukiza?

Aburahamu yise "kizabonwa" aho hantu ibyo twize mu nyigisho byabereye. Ni gute Uwitwaga yakitubonye?

MUBIKORWA

Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:

Aburahamu yiringiye Imana rwose kandi arayumvira maze Imana ibimuhera umugisha cyane. Ni gute twakurikiza urugero rwa Aburahamu?

Ni gute iyi nyigisho iduha gutekereza:

Aburahamu yiringiye kandi yumvira Imana, no mugihe yageragezaga kwizera kwe. Ni gute twakurikiza urugero rwe?

Ubuyobozi bw'uburyo abigisha batanga amanota ku nyigisho

INYIGISHO Z'ICYICIRO 3

- Abanyeshuli nti bashobora kuraniza izi nyigisho batifashishije Bibiliya kandi bashobora no kwifashisha n'indi Mirongo ya Bibiliya.
- Ibibazo biri mu buryo bunyuranye nka amagambo asobekeranye n'amagambo abangikanye, amagambo aburamo, n'ibindi.
- Teguriwe by'umwihariko gusubizwa hakoreshejwe Bibiliya Yera, n'izindi.
- icyibanze kuri twe n'uko abanyeshuli bose, Bibiliya baba bakoresha yose bashobora gusubiza ibibazo.
- Amanota makumyabiri atangwa buri cyumweru kugera kuri 80 mu kwezi, mu gihe amasomo akosowe yose.
- Ubusanzwe ni inota 1 kuri buri gisubizo nk'uko byerekanywe.

INYIGISHO Z'ICYICIRO 4

- Ni inyangiriki zikomeye ku nyigisho z'icyiciro 3
- Ibibazo bigoye n'ibisubizo byabyo birasabwa.
- Mu cyumweru hatangwa amanota makumyabiri na 80 mu kwezi, mu gihe amasomo yujugwe uko bikwiriyeho n'ibibazo byose bikaba byasubijwe.

GUTANGA AMANOTA

Abigisha basabwa bwa mbere:

- Kureba ibisubizo by'ukuri n'ibitari ukuri muri buri nyigisho maze bagatanga amanota.
- Gutanga amanota ya ngobwa uko byagenwe.
- Buri gihe gutanga amanota n'ikaramu y'irindi bara, no gushyira akamenyetso ku gisubizo cy'ukuri.
- Gutanga igisubizo cy'ukuri, aho ari ngombwa no gukosora amakosa y'imyandikire, n'ubwo NTA manota akurwaho ku bw'ibyo.
- Tanga amanota y'igice ku gisubizo kituzuye neza.
- Teranya amanota yose y'ukwezi maze uyandike ku rupapuro rw'inyuma mu mwanya wabigenewe.

Ni ngombwa kuba umugwaneza no gukora ibishoboka ngo utere umwete abanyeshuli mu kwiga Bibiliya kwabo. Birafasha ,uwigisha aho bishoboka, ko buri kwezi yandikira umunyeshuli akajamba ko kumushyigikira kandi mu isomo hari umwanya k'urupapuro rw'inyigisho wagenewe kubandikamo. icyo bivugwaho byakorwa ku byo gusiga amabara neza, kugira gahunda, amanota yabonye, kuba umunyeshuli yarumvise neza inyigisho, n'ibindi.

Tugerageze kugira icyo tubivugaho mu buryo bunyuranye uko bishoboka. Ibibazo, ibivugwa, ibyo ubona, ugutera umwete n'ibindi, ibyo byose bishobora gukoreshwa kugira ngo hagume kubaho ibinyuranye. Ibyo birasabwa, ariko ni ngombwa gutuma umunyeshuri akomeza kubikunda. Niba ikivugwa cyangwa ikibazo gikomeza gusubirwamo buri kwezi, gita imbaraga.

ICYICIRO 3

Ibyavugwa muri rusange

“Wakoze neza Cyane! Rwose wasomye ibibazo ubyitondeye. Nakunze cyane cyane uko wasubije ikibazo cya nyuma amagambo yacyo yari ameze neza.”

“Uraho Yonatani. Warakoze ku murimo ukomeye wakoze. Byaribyiza wasubije ibibazo hafi ya byose. nakujurije ibyaburaga.”

Ibyavugwa mu by'umwuka

“Mose hari ubwo yagize ibihe bigoye ku bana ba Isirayeli, ariko Imana ntabwo yamuretse wenyine gusohoka muri ibyo bibazo byose ubwe.”

“Yosefu ntiyigeze yibagirwa ko se yamutoje gukunda Imana. Ibyo yarabyibutse no mu gihe yari kure y'iwabo.”

“Barutimayo yari yiyemeje kwegera Umwami Yesu. Ntabwo yakozwe n'ikimwaro kuko yashoboye kureba maze abona ko Umwami Yesu ari umuntu rwose udasanzwe.”

ICYICIRO 4

Ibyavugwa muri rusange

“Izindi nyigisho nziza cyane. Usa n'uwafashe neza iby'izo nkuru zo muri Bibiliya kandi ndizera rwose ko wazishimiye. Urakoze gufata igihe cyo kwiga inyigisho ubyitondeye. Bizakorohera kuzinyuramo, bityo rero ndashima umuhate wawe wose.”

“Wagerageze neza cyane Rasheli. Ndatekereza ko ku bw'ibisubizo byawe, ushobora kuba utarasobanukiwe inkuru neza, ariko uzagerageze kongera kuzisoma.”

Ibyavugwa mu by'umwuka

“Imigani rimwe na rimwe yitwa inkuru z'isi hamwe n'ijuru, cyangwa imbyimbitse bisobanuwe. Ushobora gutekereza ku bisobanuro byimbitse mu migani yo mu nyigisho 3?”

“Sitefano yapfuye urupfu rw'ubugome, ariko kandi ntiyigeze agira ubwoba bwo gupfa, kuko yari azi Ko Imana ibireba kandi aza kuba hamwe n'Umwami Yesu mu Ijuru.”



© Bible Educational Services 2015

www.besweb.com

Registered Charity UK 1096157